tse, Nki - bu - ka u - bu - ntu bwa - we,
mf
Nkumbura kukwi-bo-ne - ra U - ko u ri tu - ri ku-mwe,
f
U - ko u - ri tu - ri ku - mwe.

2. Nubwo ndembejwe, naniwe,
Nkomeje urugendo
Muri ubu butayu bubi,
Bwuzuyemo amalira ; *(bis)*

3. Nubwo abanzi benshi cyane
Bantera mu ntege nke,
N'imitego y'umubisha
Ingota ubudatuza, *(bis)*

4. Nyamara nshobora iteka
Kujya ngukurikira,
Ngahora nyuzwe n'ibyiza
Byo mu rukundo rwawe. *(bis)*

5. Mukiza gitare cyanjye,
Gukiranuka kwanjye !
Guhora iruhande rwawe
Bihora binezeza. *(bis)*

6. Ndakwinginga, Nyagasani,
Nyuzuza ishyaka ryiza !
Ha umugaragu wawe
Guhora yiringirwa. *(bis)*

7. Kugeza ubwo abatowe,
Banesheje kubwawe,
Bambaye amakanzu yera,
Bareba ikuzo ryawe ! *(bis)*

# 97


Byumvikana
p
1. Mu gi - he cy'i - nte - ge nke Tu -
re - ba mu i - ju - ru, A - ho I - ma-na y'i -
p
mpu - hwe, I - bi-tse u-bu - tu - nzi. Twe - me - re-
f
mf
we kwi - nji - ra Mu bu - tu-ro bwe - ra : A -
p




2. Mu gihe tubabaye
Tureba mu ijuru,
Aho Kristo azaza ava
Aje mu mbaraga :
Uwo mudahemuka
Araza ajyane abe ;
Umugeni wawe ati :
Ngwino Mukwe, Ngwino.

3. Ukuzwe Mana Data !
Kuzwa Ntama wera !
Kuri twe nta butindi,
Tureba mu ijuru.
Dukangure ubugingo
N'urukundo byacu ;
Maze umutima wacu
Ugutegereze !


Tuzamuy' amajwi
98
mf
1. Shi - mwa Ma-na nku - ru, wo - we
wu-zu-ye i-mpu - hwe Wa-tu - mu - ri - ki - ye
f
tu - ri mu mwi - ji - ma. A - ma - ho-ro u - du -
p
ha Mu mi-ti-ma ya - cu Nta - bwo a-ro -





2. Ibiteye ubwoba byararangiye kera,
Ubwo Yesu yishyiragaho ibyaha ;
None abana bawe,
Banesha bizeye,
K'ubw'ubuntu bwawe bwababakuyeho ibyaha.


3. Urukundo rwawe nirwo rutugezaho
Gutabarwa ndetse n'ibyiza bya Mwuka.
Ibyiza by'ijuru
Twarabyeguriwe ;
Ikiganza cyawe cyiraturinda twese.

4. Tugana intego tuyobore inzira ;
Mu mahoro yawe tugutegereze:
Abakundwa nawe,
Turagana ijuru
Aho watwanditse ukaduha imyanya.

# 99


Ntakurandaga
mf
1. Ni - ha - ku-zwe Nya - ga - sa -
ni, I - ma - na Da - ta, A - du - ha-za i -
byi - za bye bu - ri mu-nsi ; A - ru-sha u - ko ba





2. Watugaragarije urwo rukundo rwawe,
Mana y'urukundo, mu mpano ikomeye
Y'umucunguzi Yesu, Umwana w'Ikinege,
Urupfu rwe rwatumye tubabarirwa.

3. Wasutse urukundo, Mana nziza, y'ubwenge,
Mu mitima yacu, kubwa Mwuka wawe ;
Atura muri twe akaduhamiriza
Ubuntu muri Yesu wadukijije.


4. Ku bw'urukundo, Mukiza udahemuka,
Turinde, kugeza ubw'uzagaruka ;
Tube maso, dusenge tugutegereje,
Tugume iteka mu rukundo rwawe.

**100**


Tuzamuy'amajwi
mf
Du - ha - nge Ye - su
a - ma - so: Vu - ba u - mu - ki - za
p
w'I - ku - zo A - za - za a - va mw'i - ju -
ru. Mu gu - te - ge - re - za gu - hi - re,
p


U - mu - ti - ma wa - cu u - be ma - so :
f
Tu - ni - te - gu - ye by'u - ku - ri. Ba -
kri - sto u - mu - ki - za a - ra - za.


Tunezerewe
p
101
1. Du - ku-ndwa n'I - ma - na :
Ni - tu-ne - ze - rwe !
mf
U - ru-ku-ndo
rwa - yo Ru-ra - tu - go - se.
Vuba cyane
mf
Tu - vu - ge i - ku - zo rye,
Tu - yi - shi - mi -




2. Mana iturinda !
Turi abakene ;
Utubera Data,
Ukatwitaho.

3. Muri uru rugendo
Turagendana ;
Ukadukomeza
Dutentebutse.

4. Mwuka utang'ubuntu
Udukomeza,
Araguhishura
Mukiza wacu !

5. Byiringiro byacu,
Mana idukunda !
Icyizere cyacu
Ni ineza yawe.
Tuvuge ikuzo rye, etc.

# 102


Ishyushye
mf
1. Tu - ge-nde twi - shi-mye i-te - ka ryo-se,
Tu - ga-na i-wa - bo w'a - ba - hi - ri-we,
A - ho Ye-su a - ri a - du-sa-bi - ra;
f
Tu - ge-nde tu - ga-na ga - ko-ndo ya - cu,

**102**





2. Mu ijuru hazaratwa urukundo :
   Mbeg'ibitaramo by'abahire !
   Turi mu rusobe rw'amajwi meza
   Tugeze muri gakondo iwacu.
   Tugende twishimye iteka ryose,
   Tugana iwabo w'abahiriwe.

3. Tugutegereje uva mu ijuru,
   Kuko imitima yacu ari iyawe.
   « Ngwino Yesu », niko umugeni avuga ;
   « Twakire mu ikuzo twateguriwe ».
   Aho tuzishima iteka ryose :
   Niho iwabo w'abahiriwe.

>>>

4. Tuzabona ihirwe mw'isi nshya,
Tuzaririmba ubwiza bwa Ntama ;
Aho nta marira nta muborogo,
Nta cyaha aho hantu h'igikundiro ;
Hamwe na Yesu twishimy'iteka,
Mu rukundo rwe tunezerewe.







2. Kuko nziko inkunda,
Ndashaka kuyiha :
Imeny'ibyo nkeneye,
Kurusha'uko mbizi.
Iyo Mana y'ineza
Yankoz'isoni se ?
Oya, n'ibibi bije,
Tuba turi kumwe.

3. Mu maso hawe Mana
Haramurikira,
Ungirire ubuntu
Mbeho uk'ushaka.
Kuzagera ku munsi
Nzagera iwawe,
Ngendesh'inzira yawe
Mu budahemuka.

## 104



Tuzamuy'amajwi, bifatanye
p
1. Ye - su u - du - ku - nda nk'u -
ko Da - t'a - gu - ku - nda ; U - ru - ku - ndo rwa -
p
we ru - du - ki - z'u - bu - ti - ndi, Ru - du - fa -
mf
sha mu nte - ge nke. Wa - ta - nz'a - ma - ra -





2. Wenda kuwuvamo, mu gihe gikomeye,
Waravuz'uti : « mukundan'uko mbakunda ».
Duhe gukundana nkawe.
Kugira ngo isi imenyere mu bawe
Urukundo rwawe, duhe ubudahwema
Kukurebesha ukwizera !

# 105


N'ubwira
mf
1. A - ra - hi - rwa u - wi -
fu - za Gu-ku-ri - ki - ra Ye - su !
A - re - shywa na - we Mu I - tu - ze
f
rye, Byo - se bi - za - na Ku -









2. Umwungeri uhamagara
Niwe umubatura.
Ni indahemuka
Imwitaho ;
Imwongerera
Ishyaka rye. } *(bis)*

3. Umurindisha ukuboko :
Ni wowe yegamira.
Satan'ateye,
Imbere ye
Uramukiza,
Akanesha ! } *(bis)*

# 106


Tunezerewe
p
1. Si - nzi-ge-ra ni - cwa n'i - nza - ra,
mf
Nya - ga - sa - n'a - r'U - mwu - nge - ri.
f
Ngu - bwa ne - za mu - nsi y'i - nshyi - mbo
Y'u - ta - ba - sha gu - hi - ndu - ka.









2. Waruhuye umutima wanjye :
Nzi neza ukuntu wankunze.
N'aho nanyura mu muriro
Sinshobora gukongoka.
Uhora umpanze amaso :
Yobora ayanjye akurebe.

3. Nyagasani, iyo nkwegereye,
Simpagarika umutima :
Ubuntu bwawe ni urutare,
Ni ubuhungiro buhamye.
Warambumbatiye, Yesu ;
Satani ntazankuramo.

**107**


N'umurego
1. A - be - ra tu - be - ho i -
te - ka Mu ru - ku - ndo ru - du - hu -
je ; Ni u - mu - ki - ro w'i - te - ka ryo - se




2. Twanywereye kw'isoko imwe
N'uko duhuz'umutima;
Dukomez'isiganwa ryiza,
Dutumbiriy'Umukiza.

3. Nyagasani, twonger'intege ;
No kwizera mu bugingo ;
Maze indirimbo y'ubumwe
Turirimb'iger'iwawe !

# 108


*N'umurego*




f
p
Mu - ki - za u - gi - ye ku-za, Mu - ki - za u - gi -
ye ku - za Ku - gi - ra - ngo
f
tu - ba - ne, No gu - so - ho - za ku - ne - sha.


Buhoro, kandi byumvikana
p
109
1. I - to - re - ro ri - nyu - ra Mu i -
mf
si a - ri u-mu - ge - nzi : Ni a - ha - ntu h'a-ma -
ku - ba, N'i - nta - mba-ra nyi - nshi. Ku -
f
bw'i - mba-ra - ga nyi - nshi, Ye - su a - za - ryi-shyi -





2. Hariho ikiruhuko ;
Intambara ishize,
Twubure amaso yacu,
Kuko Yesu aza.
Niwe Mwana wa Data,
N'Umukiza iteka,
Tunyura muri iyi isi
Tumutegereje. *(bis)*

3. Umuseke urakebye ;
Dukanguke twese :
Mu gihe cyidatinze
Tuzabona umukwe.
Tunezerewe cyane
Nitumwishimire,
No kubwa Mwuka Wera
Tuti : « Ngwino Yesu ! » *(bis)*

# 110


Tunezerewe
mf
1. I Ka - na - ni tu - za - bo - na rya -
cyane f
ri I - nko - mbe y'i - ju - ru ? Nti - twu - mva Kri - stu a -
p
du - ha - ma - ga - ri - ra Mw'i - ju - ru ? Twi -
mf
shi - mi - ye ha - fi ye ! Tu - ri mu bwu - ga -


cyane f
mo bwe, Tu - za - ri - ri - mba i - te - ka Tu -
mf
ri mu ma - ho - ro. Mbe - ga u - mu -
ne - ze - ro, wu - zu - ye ! wu - zu - ye !
mf
p
Mbe - ga u - mu - ne - ze - ro nyu - ma y'i - mi - ru -
>>>





2. Abera barimbishijwe
Bazabona ikuzo rye ;
Bazuwe n'imbaraga ze,
Bavuga ineza ye.
Bamamaza gutsinda,
N'impongano yabaye,
Dukikije intebe ye,
Tuzamushimira.

3. Mu ijuru iyo umunyabyaha
Umwe gusa yihannye,
Abamarayika bera,
Basingiza Imana,
Mbega ibyishimo byinshi,
Ubwo azabohora
Umukumbi we akunda
Utsinze urupfu !

4. Kanani iyo tuzabamo
N'ahasezeranijwe,
Umunsi tuzateranywa
N'Imana idukunda,
Tuzaririmba iteka
Indirimbo inezeza,
Izumvikana mu ijuru
K'umunsi uhoraho.

5. Kuri uwo munsi ukomeye
Umuseke utambitse,
Twese twibumbiye hamwe
No mu rukundo rwe,
Uwo turamya iteka
Tuzamubwira tuti :
Ntama ni wowe ukwiriye
Ubwami, ububasha !
Mbega umunezero, etc.


N'amahoro
111
1. Ma - na i - gi - ra ne - za,
U - bu-ntu bwa - we, Bu - ru - ta ku -
ba - ho Ku wa - cu - ngu - we.
Vuba cyane
Ba - na bo mu mu - cyo, Du - shi - me i - te -




2. Data, ubuntu bwawe,
Kubo watoye,
Mu buturo bwera,
Ni Yesu gusa.

3. Kuri twe abagenzi,
Ubuntu bwawe
Bufite imbaraga
Zidukomeza.

4. Maze muri iyi si,
Mana y'ineza,
Buradusendera
Kugez'iteka !
Bana bo mu mucyo, etc.

# 112


Buhoro, kandi byumvikana
p
1. Ye - su ya - pfi - ri - ye
cyane f
Ha - ga - ti y'a - ba-bi, A - ba - ba - zwa.
mf
f
Mu - ri a - bo ba - ta-tu, Ya - ri we ntu - nga-ne.
mf
Ku - bw'u - mu - sa - ra-ba A - ra - ne - sha.

2. Yesu yarazutse
Yagiye mu ijuru :
Bamureba.
Dore umutware,
Ni umusare wawe ;
Uzi imbaraga ze ?
Umwirate.


3. Yesu azagaruka
Tujyane mu ijuru :
Tube nkawe.
Kuko aza vuba,
Tubeho twirinda :
Buri hafi gucya
Tube maso.


4. Yesu, tegurira,
Imitima yacu
Kujya iwawe.
Uturwanirire ;
Tugere ku ntego ;
Twishimye, turira
Tube intwari.


5. Mana rinda abawe !
Buzuzeho ibyiza ;
Bakomeze.
Kuba mu mahoro,
No kugushimira,
Kuyoborwa nawe,
Nibyo ngombwa.

6. Kuramya Imana,
Hose hose
Turi imbere yayo ;
Gukorera Yesu,
Kuvuga ibyiza bye,
Kumukurikira,
Ni byo byacu.

# 113


Buhoro n'ituze
p
1. U - bwo mfi - te u - mwa - nya mu i-
mf
ju - ru, Mw'i - si mfi - te a - ma - ho -
p
ro. Ku - re y'i - mi - ra - ba n'i -





2. Mu ijuru mu rugo rwa Data,  
Muri Yesu mfite byose,  
Ubutunzi bwose bw'ahera.  
Nyagasani uramurikira ;  
Mpabw'ikuzo n'urukundo.

# 114


Mutuje
p
1. Tu - gu - sa - nze mu ma - ho - ro,
A - ho we - me - ye ku - ha - ba
Mu bwi - yo - ro - shye Ye - su
U - ta - me - nywa n'a - ba - ntu. U - ri we - nyi -
ne nta wu - ndi, U - gi - ra i - ne -
mf
za gu - sa Mu nzi - ra i - ra - ba - gi - ra - na




2. Mbega ibyiza by'iyo nzira !
N'ubutunzi bw'ineza !
Imana ubwayo ihabona
Urumuri rwo kwera.
None kubw'ubuntu bwawe,
Twavutse ubwa kabiri,
Twagufatah'urugero,
Wowe kwizera kwacu !

3. N'ubwo umubiri usaza
Ubabazwa uhatwa,
Cyangwa se dusharirirwa
Mu kugukurikira,
Ni wowe turangamiye
N'ubwo dutentebuka,
Ngo tugaragaze, Yesu,
Ubutungane bwawe.

4. Iherezo ry'iyi nzira
Ni igihugu cy'ubwiza,
Harabagirana ubwiza
Bw'uwo Muntu watsinze.
Nta neng'ah'imbere yawe,
Tukuramya mw'ikuzo,
Yesu, kubwo gusa nawe
Bizaba bitunyuze.


Buhoro, mutsindagira
p
115
1. Mu bu - ta - yu, a -
mf
ha - ri i - nzi - ra ya - njye Nga - na mu
f
gi - hu - gu nza - tu - ra - mo, Nta kwi - nu -
ba, nta mba - ra - ga bi - nsa - ba, Ku - ko nza -




2. Mucunguzi, Muyobozi nizera,
   Nduhura umutwaro wa none ;
   Nijoro umucyo wawe umurikire,
   Undindire iteka mu rukundo.

3. Buri munsi, ineza idahemuka
   Impa umutsima uva mu ijuru ;
   Bugorobye ndyamye mu ibaba ryawe,
   Ni wowe wita ku bizaba ejo.

4. Buhungiro, amazi yawe meza
   Atemba ansanga ngo amare inyota ;
   Imbaraga z'Umwuka wawe Wera
   Zirinde umutima kwivovota.

5. Bidatinze, imperuka y'urugendo
   Izanzanira ikiruhuko ;
   Kandi uguhamya kwa Nyagasani
   Ni ko kuzandinda gutembanwa.

6. Murwa wera wo nasezeranijwe,
   Umutima uragukumbuye !
   Tujyanwe mu munezero w'ijuru,
   Mana izina ryawe rihimbazwe !

116


N'umurego
mf
1. Nya - ga - sa - ni ni - we mba-
f
ra - ga za - njye : Na - ti - nya nde wa-ngi-ri-
p
ra na - bi ? Nko - me - zwa n'i - mba - ra - ga
ze i - te - ka : U - mu - ntu u -





2. N'ubwo ingabo zanyegera zingose,
Mutima wanjye kuki watinya ?
Naho nabura unkomeza mu byago,
Mfite umukiza unkomeza.

3. N'ubwo uwambyaye yanyibagirwa,
Sinzigera mpungira ku muntu,
Ishobora byose, Data nizera,
Izankirisha ukuboko kwayo.

4. Nuko, mutima, mu bihe bigoye,
Tegerez'utabarwe n'Imana.
Umwiringire uko byagenda kose :
Uzakomezwa n'imbaraga ze.

5. Kristo mahoro n'agakiza kanjye ;
Ni igihome n'umutware wanjye ;
Kubw'urukundo ankunda nzanesha :
Ntacyo ntinya ndi kumwe na Yesu.


117


Biringaniye, tworoheje
cyane f
p
1. I - mpu - hwe za - we, Ye - su, Mu -
Zi - nde - nge - ra mu ka - ga, Zi -
mf
shu - mba u - ko - me - ye,
ndi - nda a - ma - ku - ba. U - mpo - za ku mu -
p
ti - ma, Na - ni - we na - ru - shye ; U - bu - gwa ne - za
bwa - we Bu - ra - mbu - mba - ti - ra.


2. Watobowe ibiganza
N'abana b'abantu !
Bivamo amaraso
Igihe udupfira,
Wakomeje kwibuka
Ibyo wababajwe,
Ibyo biganza byawe
Bitanga umugisha.

3. Rugero rutiganwa,
Mutima wa Yesu,
Udutabara iteka
Wiyoroshya cyane.
Mutima utuyobora,
Nta guhindagana
Nshaka kukuba hafi,
Warambabarijwe !

**118**




p
ri - jwe ? Nta - ma w'I - ma - na Wa -
pfu - ye a - ka - zu - ka, Wu - zu - ye u -
mu - cyo, Ya - gi - ye mw'I - ju - ru.
mf
Ku - bw'I - nti - mba n'I - nte - ge nke A -









2. Yesu yaraducunguye
Atuvana mu rupfu,
Twamaze kuzurwa nawe,
Araduhamagara.
Mbega amizero
Yo kuba mu ijuru !
N'ibyiringiro
By'abakunzwe nawe
Ku Mana ihoraho idapfa !
Ni yo nziza ikomeye,
Ishimwe, icyubahiro,
Bibe ibyayo iteka !

>>>

3. Tuzabona ryari umunsi
Ubwo ugomba kuza
Azaza avuye mu ijuru,
Ariwe Yesu Kristo ?
Mbega umunsi,
Tuzaruhukaho !
Mbega igihembo,
Cyo kwizera kwacu !
Bakristo ni igihe gito,
Maze umwami w'ikuzo
Azaza guha ingabo ze
Ugutsinda kw'iteka.






2. Twiringiye kandi twishimye,
Tugana muri uwo murwa
Aho tuzahorana iteka
Ikuzo n'umunezero.

3. Aho nta kurira ukundi !
Imihat'inyot'inzara ;
Aho nta byago nta gutaka :
N'umunezero iteka.

4. Duteraniye ibudapfa,
Mu rukundo n'ibyishimo,
Tuzarata ikuzo ry'iteka,
Rya Ntama wadupfiriye.

# 120


N'ubwira
p
1. Mu - ze, ba-na b'I - ma - na,
tu-vo-me twi - shi - mye Kw'i - so - ko y'u - bu-ntu
n'a - ma - ho-ro; Tu - bwi - ra-ne I -
p
mf
byi - za, twa-ma-ma-z'i - ne - za








2. Tuzakwamamaza, wowe Yesu Mukiza,
   Twebwe abazi iby'urukundo rwawe ;
   Ibyo wakoreye intore zawe ni byiza :
   Tuzashima izina ryawe iteka. *(bis)*

3. Turakuramya,Yesu Mukiza udukunda,
   Wadukirishije amaraso.
   Ku isi turirimb'urukundo rutavugwa,
   Urwo tuzaririmba mu ijuru. *(bis)*


121
N'umurego
mf
1. Mbe - ga ku - nyu - rwa
n'i - byi - shi - mo byi - nshi Ye - su na - ga - ru -
ka ! U - bwo I - to - re - ro
p
mf
ri - za - jya - nwa ku - re, Ri - sa - nze u - mu -
cyane f





2. Mbega umunsi, ubwo imbere ya Data,
    Kristo azatujyana,
  Ubwo mu Ngoro ye turi mu ikuzo
    Azatwinjizayo ! *(bis)*

3. Nta kindi kizumvikana mu ijuru
    Atari indirimbo ;
  Zose zitangaze iby'ubuntu bwe
    N'iby'urukundo rwe. *(bis)*

4. Manuka mu ijuru turakwifuza ;
    Ngwino uwo dukunda !
  Kuva kera intore ziraniha ngo :
    Ngwino Mukwe mwiza ! *(bis)*

# 122



Mutuje
mf
1. A - be - ra ba - rwa - nywa, I - mpa-
nde zo - se Ba - fi - t'i - nte - ge nke
p
Ha - no mw'i - yi si, Ba - ri - yo mu i - ju -
ru, U - bi - ta - ye - ho, Mu - ta -




2. Wuj'igikundiro,
   N'ineza nyinshi,
   Ntujya wibagirwa
   Abacunguwe.
   Ni wow'udufasha
   Buri ntambara,
   Kand'udusabira,
   Mukiza wacu !

3. Iyo ducumuye
   Urakenyera,
   Ibirenge byacu
   Ukabitwoza,
   Uti : « indahemuka
   Ujy'unyigana,
   Jye rugero rwiza
   Rw'umugaragu ».

4. Mbuto zo kunesha,
   N'izo kwizera,
   Abawe mw'ikuzo
   Muzibanira,
   Mu buturo bwera,
   Ku Mana Data,
   Urukundo rwawe :
   Ruzahoraho !



Mutuje
p
123
1. Mbe - ga u - bu - ntu kwi - tw'a -
ba - va - ndi - mwe ba - we, No gu - te - ge - re -
za ku - ga - ru - ka kwa - we ! Wa - na - du - ki - ji -







2. Ni wowe watwogeshej'amaraso yawe,
Mu mitima ibabay'uzana amahoro ;
Yesu mutsima wo mu ijuru udutunga,
Uzatubeshahw'iteka. *(bis)*


124
mf
1. U - wa - tsi - nze Shi - ta - ni n'i - si,
I - by'u-bwo - ba byo mu mwi - ji - ma
Mwa - na w'I - ma-na a-va mu mva :
Bya - ku - ri - ki - we n'i-byi - za.
p
Nta bwo-ba
nta n'u-mu-ba - ba - ro ! Be - ra bwo - ko bwa-cu - ngu-
mf
we, Ha - mwe no ku - ne - ze - rwa




2. Mbeg'umuns'uje w'ibyishimo !
   Ubw'umubiri uzazuka ;
   Uwabibwe ar'uwo kubora,
   Uzazuka ar'uw'ikuzo.
   Kok'imibiri y'intege nke,
   Nk'ako kany'ihabw'ubwiza,
   Maze ihindurwe ise nawe,
   N'umubiri wawe, Yesu.

3. Ubu kubw'ubugingo bwawe,
   Twarazutse Nyagasani ;
   K'ubw'ubuntu butarondorwa,
   Twashyizwe iyo mu ijuru ;
   Dutegereje umunsi mwiza
   Uzabonekana ikuzo,
   Twiringiye kunesha kwawe,
   Turwana intambara nziza.

# 125


Ishyusyhe
1. Mu gi - cu - ku, u - bwo hu - mvi -
ka - na I - jwi ri - ti : « Do - re u - mu -
kwe ! » Ni Ye - su mu - re - be a -
ra - je : Ni-mu - ze tu - mu-sha - ga - re. I - to-re-




2. Ibyo byiringiro bihire
Biduhembura imitima.
Mbega ukuntu tuzanezezwa
No kuzabana na Yesu !
Itorero ryitegurire, etc.

>>>

3. Abasinziriye muri we
Bazumva ijwi rye nkatwe ;
Tujyanwe nabo kure y'isi,
Gusanganira Umukwe.
Itorero ryiteguririre, etc.






2. Mbeg'ibyiza kugira buri gihe
Inshuti nziz'iduhumuriza,
No kubasha kwegera Nyagasani,
No gutabarwa nawe mu byago !


3. Mbeg'ibyiza kwibuk'ubuntu bwawe,
Mu ntege nke no mu mibabaro,
Twibuka ko yafash'umwanya wacu
Nk'umwana w'intama wababajwe !

4. Ni byiza kwishimira ikuzo ryawe,
Nyagasani, hamwe n'abizeye ;
Dutegereje ko uzagaruka,
Ukaduha ingororano zacu !

5. Mbeg'igihe imbere yawe Data,
Ubwo abera bari mu bwiza,
Bambaye amakamb'atangirika,
Bakwikubita imbere baramya !

# 127


Dutuje
1. U - gu - ki - ra - nu - ka gu -
shyi - tse, Ma - na i - ki - za, n'u - bwi -
za Ni na-wo mwa-mba - ro w'i - ku - zo




2. Abagiriwe impuhwe nyinshi,
Wabakungahaje impano,
Dufite ukwizera guhamye
Twiteze umunsi mukuru.

3. Twebwe intore, ishyanga ryera,
Nta teka tuzacirwaho,
Nta gutinya ndetse nta bwoba :
Twababariwe n'Imana.

4. Yesu, gukiranuka kwacu,
Wavuze uti : « Ndaza vuba »
Itorero rinezezererwe,
Kukubona Mucunguzi !

# 128


Ishyushye kandi byumvikana
mf
1. Tu - ra - te u - bu - da - si - ba I -
ne - za y'I-ma - na : U - mu - ne - ze - ro
cyane f
wa - yo Wu - zu-re I-mi - ti - ma ! A - ga-ki-za ka-
f
p
yo Ka - vu - ye mu i-ju - ru : Du - fi-te u-mu-ki -




2. Mbega ibyishimo byinshi
N'ineza itavugwa !
Imana ibabarira
Uyicumuyeho.
Kubw'ibyaha byacu
No kudutinyura,
Yesu yaritanze. *(bis)*

3. Ku ntebe y'ubuntu bwe
Iyo tuharebye,
Tuhabona uruhanga
Rw'umukiza mwiza.
Aradusabira
Aho ari mu ijuru,
Kuko yanesheje. *(bis)*

4. Mu kuyobora inzira
Y'abo yacunguye,
Yohereza urumuri
Mu mitima yabo.
Mwuka arayobora,
Ubuntu buduha
Kumenya ibyanditswe. *(bis)*


5. Mu gitabo cy'ijuru
Niho yatwanditse ;
Aturarika iteka
Kwishimira impano.
Turinzwe nawe ubwe,
Turiho twizeye,
Turagana ijuru. *(bis)*

6. Vuba, yambaye ikuzo,
Azava mu ijuru ;
Asohoje kunesha,
Azatubohora.
Uwo yacunguye,
Uwazuwe nawe,
Amubone uko ari. *(bis)*

7. Rukundo ruhebuje,
Mwandu w'abatowe !
Dukundwa n'Umukiza :
Ni iki kindi kandi ?
Tubeho iteka
Kubw'urukundo rwe ;
Tuvuge ibyiza bye ! *(bis)*

# 129


N'umurego
p
1. Twi - te - gu - re ba - va - ndi -
pp
mwe, Da - ta - bu - ja a - ra - je.
mf
Do - re u-mu-kwe are - ge - re - je : Tu - gi - ye




2. Bidatinze, azaganza
   Hamwe n'itorero rye ;
N'ibw'azaritamiriza
   Ubwiza yateguye. *(bis)*


3. Ntutinye, mukumbi muto,
   Witaweho na Data.
Umusaraba wa Ntama
   Ub'ibendera ryawe. *(bis)*

4. Nubwo isi ikurwanya,
   Bikubera ubwiza ;
Urukundo no kwizera
   Biduhesha kunesha. *(bis)*

5. Himbazwa, Yesu Mukiza !
   Ni ibyiringiro byacu.
Hahirwa ufite umutima
   Umuramy'umukuza ! *(bis)*

# 130


Buhoro
p
1. Da - ta, tu - ra - kwe - re - ke -
mf
za - ho A - ma - bo - ko n'I - mi - ti -
p
ma ; Tu - ra - gu - tu - ra a - ma - se -
mf
nge - sho Tu - gu - ku - nda, tu - ta - ku - rya - rya,





2. Turiyumva imbere yawe
Nk'abeguriwe uwo ukunda,
Abagiriwe ubuntu nawe,
Dufite umwanya muri wowe,
Nka Yesu n'abo akunda.

3. Bityo intege nke z'abo ukunda,
Zitunihisha iteka,
Zidutera kugutabaza,
Kubwa Mwuka w'isezerano,
Mu ntege nke, tugashima.

4. Udukomeza mu rugendo,
Tugusanga wowe, Yesu,
Ni wowe gutabarwa kwacu,
Soko y'amazi y'ubugingo
N'ifunguro ry'abatowe.


Nta kurandaga
mf
131
1. Mu gi - to-ndo ka - re, Ye -
su, tu - ra - gu - shi - ma. A - ma - nywa n'I - jo -
ro,u - ra - tu - bu - mba - ti - ye. Ku ba - na ba - we
I - ne - za ya - we nti - ka - ma, U -




2. Duhora duhanze amas'ubuntu bwawe :
Uduhe none umutsima wo mu ijuru ;
Dutegereje gutabarwa nawe gusa ;
Dutwikirw'iteka n'ikiganza cyawe.


3. Mwuka waw'ahor'atwigisha, atuyobora,
Ku bw'ijambo ryawe ridukoreramo !
Dukomejwe na Mwuka nta n'umwe utinya,
Kandi tuzahora tunesha ku bwawe.

4. Mw'iyi si tur'abagenzi n'abimukira,
Tuzaruhukira mu buturo bwera.
Mw'ijuru ryawe, Nyagasani Mana Data,
Tuzinjizwa n'urukundo rwawe rwinshi.

5. Turindish'amahoro mu rugendo rwacu,
Kugeza mw'ihirwe, dutanye n'ibibi,
Ubwo tuzanezererwa hamwe byuzuye,
Twinjijwe na Yesu mu buruhukiro.

# 132


Byumvikana
p
1. Nta gi - ho - mbo, nta
nyu - ngu mu bu - ta - yu, Nta cyo gu -
mf
p
hi - ta - mo no kwi - fu - za : Nta gi - hu -
mf
ru, nta n'I - cya - tsi gi - to - shye,




2. Muri ubwo butayu nta buhungiro,
Nta n'aho kurambika umusaya,
Mbese ubwo nadindizwa n'ubusa
Ndi hafi yo kugera ku ntego ?

3. Muri ubwo butayu mpazi inzira :
N'iy'ineza, ubuntu no kwizera,
Nyicamo ntatinya, ntashidikanya,
Kuko wayinciriye, Mukiza ;

4. Inzira isendereye umunezero,
N'ubwo inyura habi, ni amahoro ;
Inzira y'umugisha, inkura mu isi
Ikangeza ku Mana ariyo So.

5. Aho nta kwifuza nta n'imirimo,
Wadutunganyirije kubayo,
Nzanezererwa kuruhuka iteka,
Mu buturo bwera hamwe nawe.

# 133


Buhoro
p
1. Mwu - nge - ri we, u - tu - ra - gi - ye Wa - du - shyi - ze mu ru - ku - ndo ; U - twi - ta - ho u - tu - ri - nda I - nza - ra,
p




2. Nyagasani, niba isi mbi
Itatanya abo ukunda…
Imbere yawe turi umwe
Bikomotse kuri wowe.

3. Dukundane urutaryarya ;
Tumukikije tube umwe.
Mwuka Wera, Mwana na Data,
Tubahuriyeho twese.

134


Dutuje
p
1. Ku - ku - ba ha - fi nka Ma -
ri - ya, A - ma - sa - ha a - ga - hi - ta
p
Mu i - tu - ze si - ni - zi - ri - ka - ne,
mf
Ye - su, nka - gu - te - ga a - ma - twi.

2. Kukuba hafi mu gahinda,
K'ubw'ibindushya nkaronka
Ubutoni n'ineza byawe,
N'ubugwaneza bimpoza.

3. Ngasuka ku birenge byawe,
Mukiza wasuzuguwe,
Umubavu mwiza utavanze
Wo mu rwabya rwamenetse ;

4. Kuramya kwiza k'ugukunda,
Mubav'usabye ijuru,
Wabikiwe umwanya uhebuje
W'igitambo gitunganye...

5. Nyagasani nkugume hafi,
Ijwi ryanjye hano kw'isi
Rirate hamwe nab'ijuru,
Umwana w'Imana wishwe !



Buhoro, muzamuye amajwi
mf
135
1. Tu - ri - ri - mbi - re
mu ndi - ri - mbo nzi - za, I - by'U - mu - cu - ngu - zi !
p
U - bu - ntu bwi - ze - rwa,
mf
Bu - ho - ra a - ri bu - shya, Bu - ra - mu - ri - ka.




2. Turirimbire mu ndirimbo nziza,
Iby'Umucunguzi !
Intebe y'ubuntu
Ni icyicaro nyacyo
Cy'uwaruhijwe.
Arakomeye ni mwiza, etc.

3. Turirimbire mu ndirimbo nziza,
Iby'Umucunguzi !
Yesu mu bwiza bwe,
Ni nawe kunesha
N'umunezero.
Arakomeye ni mwiza, etc.

136


Bohoro mutuje
p
1. Ku - zwa Ma - na, U - bu - ba - sha,
I - shi - mw'i - cyu - ba - hi - ro,
cyane f
U - ru - ku - ndo no gu - shi - ma,
Ni i - bya Kri - st'U - mu - ki - za !

2. Yesu wamenny'amaraso,
   Utamirizw'amahwa,
   Uburakari bw'Imana
   Uremererwa nabwo.

3. Imibabaro ni iyawe,
   Urupfu no guhanwa !
   Naho kuri tw'agakiza
   N'imbabazi z'ibyaha.

4. Kuzwa Mana, ububasha,
   Ishimw'icyubahiro,
   Urukundo no gushima,
   Ni ibya Krist'Umukiza !

# 137


Mutuje
1. Ba - na b'I - ma - na, nto - re
za - yo Za - te - ga - nyi - ri - jw'I - ju -
ru, Tu - ri I - mbe - re y'u - mu - re - myi,
Tu - ri - ri - mba n'I - byi - shi - mo.

2. Twari abo gucirwah'iteka,
Dupfuye tuziz'ibyaha ;
Mu kaga katagira ingano
Niho we ubwe yadukuye.

3. Twacunguwe na Yesu Kristu,
Kubwac'arapf'arazuka,
Mwuka we Wer'atugezaho
Impano z'urukundo rwe.


4. Muri Yesu tumwita Data ;
W'atwit'abana b'akunda ;
Buri munsi kubw'ubuntu bwe
Twumv'uko atwitayeho.

5. Nta kintu cyadutandukanya
N'urukundo rwe rw'iteka ;
Ntacyo mw'isi cyangwa mw'ijuru
Cyadutandukanya narwo.


6. Umurage mwiza w'ijuru
Twaronse kubw'amaraso,
Ni umugabane wacu mwiza
Hafi ye iteka ryose.

7. Kuzwa kubw'ibyo byiringiro,
Tebuts'uwo munsi Data,
Ubw'Umwana wawe ukunda
Azatujyana mu ijuru.

**138**


N'umurego
p
p
1. Ku - bw'I - ma - na ya - cu u - mu - ri -
f
mo u - ra - shyi - tse ; I - byo ya - tu - bwi -
mf
f
ye, a - za - bi - so - ho - za. I - ma - na i - za -
p
du - fa - sha ! I - ma - na i - za - du - fa - sha ! Ni -




2. Nyagasani Imana, adukunda iteka :
Ibyo atugirira ntibizashiraho ;
Azatugeza ku ntego, *(bis)*
Niwe twiringiye, *(ter)* – munezero uhebuje.

3. Amenya uko abanzi bacu bose bangana.
Araturwanira akadutsindira ;
Azatsindisha imbaraga ! *(bis)*
Abanzi, imbere ye, *(ter)* – bahunge nk'igicucu.

4. Imibiri ipfa izayiha kunesha ;
Tuzi ko vuba aha azayihindura
Ubwo impanda izavuga ! *(bis)*
Kubo yacunguye, *(ter)* – hazaganza ikuzo.

>>>

5. Duhimbaze Data, duhimbaze Imana !
   Idushyigikiye ; umubisha ninde ?
   Ninde wadutandukanya ? *(bis)*
   Tunezeze iteka, *(ter)* – Yesu udutsindira.

**139**








2. Agahe gato kadutandukanya,
Katwiringiza twubuye amaso ;
Burenda gucya igihe kirihuta :
Vuba Yes'uzaz'uva mw'ijuru.

3. Imyak'igihumbi ikuber'ubusa,
Kuri twe ijoro rirenda gucya ;
Ni ryari rizashira Nyagasani ?
Inyenyeri y'igitondo ikaka ?

4. Turi maso, turwana mu ntege nke,
Dutegereza ko iza mw'ikuzo ;
Muri tw'iyo nyenyeri y'ibyishimo
Ikwiragiza umucyo wayo.

5. Ibyerekana iryo kuzo ry'iteka
Byongera kwifuza kukubona ;
Ni wowe umutim'uhamagara :
Hinguka uze Byiringiro byacu !


N'umurego
140
1. Wa - ra - twi - ta - mbi - ye, Nya -
ga - sa - ni Mu - ki - za, Twu - zu - ze u - mu - ra -
va tu - gu - ko - re - she - re - ze I - mi - ti -
ma n'i - mi - bi - ri. N'u - bw'i - nte - ge a - ri




2. Twumvishe iteka, uburyo ari byiza,
Ku Mwana w'Imana, ukwishingikirije,
Agukunda agukorera !
Kubaho ni Kristo, ibyo bibe intego
Y'abo wacunguye, buri wese abivuge
Kandi bisohozwe nabo.


141
Ishyushye
mf
1. Ni - shi - mye ka - ndi ni - ri -
ngi - ye, Nda - kwe - ge - ra, Mu - cu - ngu - zi.
f
Nzi u - ru - ku - ndo rwa - we rwi - nshi, Ru - ki - za i -
te - ka u - mu - go - me ;
p
Ni wo - we gu - sa ni - ri -





2. Ndi mu rugendo, ngana ijuru,
Aho nzarurangiriza.
Kubwa Mwuka isoko ibeshaho
Impembura ntentebutse ;
Imbaraga zanjye mu byago
Ziri mu kuboko kwawe.

3. Ku manywa, uramurikira ;
Nijoro ukanduhura.
Mu gitondo, uranyobora,
Ukanyereka inzira ;
Buri gihe uko bwije Data,
Untegurira iby'ejo.

4. Bityo nkabona iherezo
Ry'urugendo rwanjye ku isi,
Kandi ntegereje nshikamye
Umurage wo mu ijuru ;
N'ubwo nazajya mu gituro
Nzazuka mfite ikuzo.

142



N'isheja
mf
1. A - bo wa - cu - ngu - ye ba
ho - se, U - bi - ta - ho mu ru - ku -
p
ndo, Mu bu - ntu bwa - we Nya - ga - sa - ni
f
p
U - ho - r'u - ga - ba i - mpa - no. I - to - re -




2. Ibyo wadusezeranyije,
Nyagasani urabyibuka ;
Mwuka araduhumuriza,
Ayobora neza abawe.
Duhe kugendera mu mucyo,
Turindire hafi yawe,
Mu guseng' Itorero ryawe
Rikunezererwe Yesu !

143


Dutuje
mf
1. Wa - ra - nku - nze, wo -
we Ma - na Mu - bye - yi, Wo - we, Ye - su Kri -
p
sto. Ku - ru - t'u - ko u -







2. Ndagukunda, Mana igir'impuhwe,
Wabanje kunkunda.
Ndagukunda, wowe ujya umfasha,
Ngabo inkingira. *(bis)*

3. Warankunze, Soko y'ubuntu bwose,
Mvano y'agakiza.
Warankunze urampindukirira,
Unjyana kwa Data. *(bis)*

4. Ndagukunda : ugukunda ndabizi
Ntabwo azigunga.
Warankunze : nanjye urwanjye rukundo
Rubeshwaho nawe. *(bis)*

144


Buhoro, dushishikaye
mf
1. Ku - ri wo - we wa - twi - gi -
p
shi - je I - ja - mbo ry'u - ku - ri kwa -
mf
we, Ku - ri wo - we wa - twu - mvi - shi - je U -
ru - ku - ndo rwa - we rwi - nshi,

2. Kuri wowe ubashisha umuntu
Kuraganwa n'abizeye
Mu mucyo utagereranywa
Aho uzabana n'abawe,

3. Kuri wowe mu buntu bwawe
Watunyaze ukomeye,
Ukatuvana mu bubata
Bw'umwijima n'ubw'urupfu,


4. Kuri wowe Mana na Data,
Watwijyaniye burundu
Mu bwami, mu buturo bwiza
Bwa Yesu Umwana ukunda,

5. Kuri wowe icyubahiro,
Mana idukunda y'ukuri,
Ufite imbaraga, ubutunzi
Mu bihe by'iteka ryose !

6. Ukunesha kwawe Mukiza
Kwaturonkeye ihirwe ,
Tuguhaye ikuzo Yesu ;
Turakuramya Mukiza.

145


Mutuje ariko mutarandaga
mf
1. I - nta - ma za Ye - su, i -
zo u - ku - nda cya - ne, Zi - me - nya i - jwi rya -
mf
we, zi - ka - gu - ku - ri - ki - ra ; Wo -
p








2. Nta n'icyo zibura mu rwuri rwawe rwiza ;
Nta cyazihabura uri hafi Mwungeri.
Uhora uzitaho ukazirengera ;
Uko uziragira kurazinezeza.


Mutuje
146
1. I - bi - ndwa-nya byo mu i - si, I -
yo u - mu - ya - ga U - zi - ku - ye i - mi -
ra - ba, Bya - mpu - nga - ba - nya se ? O -
ya nta-bwo na - ti-nya : Ndi ku - mwe na Ye - su, Ka -






2. Hari ubwo njya nshoberwa
Ndebesheje amaso ?
Byose urabyeyura,
Mukiza w'ikuzo !
Iyo ndengeje amaso
Mbona ubwiza bwawe :
Nkomezwa n'uko undeba,
Ukankungahaza.

3. Iyo mbuze imbaraga
Ndi no mu makuba,
Ese simpora iteka
Mu maboko yawe ?
Ninde wantandukanya
N'urukundo rwawe ?
Ndindiwe muri wowe
Ntacyankangaranya.

4. Undangirije byose :
Nzi urukundo rwawe
N'ubuntu bwawe bwinshi
Buzambaho iteka.
Muri uru rugendo,
Ndi umusuhuke,
Umbera umugabane
Kandi ntuhinduka.


Tuzamuye amajwi
147
p
1. So - ko i - da - ka - ma,
mf
Ga - ki - za k'i - si, Kri - sto ya -
me - nnye a - ma - ra - so.
p
I - gi - ha -








2. Byishimo byinshi !
Yesu ni inzira
Igana ku ntego nyayo.
Yesu arakiza ;
Nta muntu n'umwe
Abasha kwima agakiza.

148


Nibakwe
p
mf
1. Ni wo - we u - ta - nga u - mu -
mf
ne - ze - ro Mu - ki - za. Wa -
f
twi - gi - shi - je i - ndi - ri - mbo y'i - byi -
mf
shi - mo ; U - du - ha - za i - ne - za ya -




2. Dore twasobanukiwe n'ububi bw'isi,
Ubwo twagendaga nk'abana b'umujinya ;
Duhunga indoro n'ubuntu bwawe Yesu,
Turushaho kuzimira kure yawe.


3. Nyagasani waraje uratubohora,
Turuhukira imbere y'urukundo rwawe.
Twishimiye ubuntu bwawe butwigisha
Ko dufite agakiza n'amahoro !

4. Urwo rukundo rwinshi rutumenyesha ko
Umutima wacu ukwiriye kukuramya.
Yobora uwo mutima kugana ijuru
Aho watubikiye ubutunzi bwacu.

# 149


Byumvikana
mf
1. Ye - su a - ra - ha - ma - ga - ra :
Tu - mu - sa-nge ! Ni mwi-za wo kwi-ze-rwa,
cyane f
N'u - mu - fa - sha. A - ga-ki - za a - ta-nga





2. Akunda bihebuje :
Umukiza
Yaritanze we ubwe,
Kubw'a babi.
Amanitswe ku giti
Yaremeye arapfa ;
Yewe mutima wanjye ;
Mwiringire.

**150**


Muzamuye amajwi
mf
1. Ku - ro - nka a - ga - ki - za ! Mbe -
ga i - nku - ru nzi - za Ku ba - ri
f
mu bya - ha ! Yo - mo - ra I - mi - ti - ma,
mf
u - ru - gu - ma ru - ni - ni, I - ga - ki -
p






2. Kuronka agakiza ! Nibyumvikane neza
   Hose muri iyi si !
   Nyagasani abawe, abacunguwe bose
   Tukuririmbire ! *(bis)*

3. Kuronka agakiza ! Imibabaro yawe
   Yazanye amahirwe :
   N'umutima unyuzwe turata impuhwe zawe,
   Mana yacu ikiza. *(bis)*

4. Kuzwa Ntama Wera ! Imbaraga gushimwa,
   N'ibyo uwababajwe
   Akabambwa agapfa kugirango adukize !
   Twe turakuramya ! *(bis)*

# 151


Dushishikaye
p
1. Nya - ga - sa - ni wa - nku - nze mbe -
re y'u-ko u - mu-cyo U - vi - ra mu i-sa - nzu -
f
re wa - re-mye u - bwa-we, Mbe - re y'u - ko I -
mf
zu - ba ri - nyu - ra a - ha - ryo, Ri -
p





2. Mana warankunze, ubwo ku musaraba,
Twabonye umubiri wa Yesu upfuye;
Kugira ngo ankiz'umuriro w'iteka,
Umwana wawe yishyizehw'ibyaha byacu
Mana warankunze ! *(bis)*

>>>

3. Uzankunda iteka ! Isi cyangwa Shitani
Ntibyahagarika urwo rukundo rwinshi ;
Ahar'ibibi hasendereye ubuntu :
Reka ngukunde Mana urukundo wankunze,
Wowe unkunda iteka ! *(bis)*

**152**









2. Iyo turusoma dusubizwamo intege,
Umutima wacu uruhuwe imitwaro.
Ni isoko idakama tuvomamo ubuzima,
Ni uruzi rw'amazi y'ubuntu akiza.

3. Mwebwe abaganyira mu mayira yo mu isi,
Mujarajaza imitima, mwihebye,
Nimuze muronke amahoro abonekera,
Mu butumwa bwiza no mu rukundo rwe.

# 153



N'ubwira
mf
1. Mu - te - ge a - ma - twi mwe - se i-nku-ru
nzi - za : Ye - su Kri - stu ya - ra - du-pfi - ri -
mf
ye ! U - mwi - ze - ra we-se a - fi - te u - bu -
f
gi - ngo : A - ga - ki - za ni i-mpa - no y'I-ma-




2. Mwebwe muruhijwe n'ibyaha byanyu,
   Mudatinyuka kureba Imana :
   Musange Kristu abahishurire
   Imana yamwohereje mu isi. *(bis)*

3. Yemwe nimwakire iyo Nkuru nziza
   Mwuka abwira imitima yanyu !
   Ni Yesu wenyine ukiza, agahoza :
   Nimusange iyo Mana ikiza. *(bis)*


Muzamuye amajwi
p
154
1. N'u - mu - ti - ma u - mwe, a -
mf
f
ba - ku - ndwa ba - we Ba - ri - ri - mba u - ru -
p
ku - ndo rwa - we rwi - nshi ; I - na - ma




2. Umunsi uraje, Mana y'ukuri,
Isi n'ijuru bikuve imbere ;
Abera, urwibutso rw'ubuntu bwawe,
Bazahoraho iteka n'iteka.

3. Umunsi uraje !... ngwino Yesu !
Ngwino usohoze agakiza mu ikuzo !
Ngwino urupfu rumirwe no kunesha,
Ukoranye abawe mu ijuru !


Dushishikaye
mf
155
1. Mwa - na u - ku - ndwa, mu - ne -
p
ze - ro w'I - ma - na, Hu - ri - ro ry'u - ru - ku -
f
ndo rwa Da - ta, Wi - gi - z'u - mu - ntu u -
mf
ra - twi - ta - ngi - ra Twa - me - nye u -




2. Soko y'umucyo utagir'iherezo,
Mucyo w'Imana urabagirana,
Mu mucyo wawe duhabw'ubugingo
Umwijim'ugahunga muri twe.

3. Wireherezaho abacumuye,
Mwana w'umuntu watubambiwe,
Wamennye amaraso, soko idakama,
Yoz'iteka, agakiz'uwizera.

4. Wowe huriro ry'ikuzo n'ubwiza,
Ntama utamirij'icyubahiro,
Ibyaremwe byose birakurata ;
Intore zawe zirakuramya.


Buhoro kandi byumvikana
156
p
1. Ku - ku - re - ba du - ha -
mf
nga - nye, Ku - mva i - jwi ry'u - ru - ku - ndo
p
Ri - twi - ta - ho ku bw'u - bu - ntu,




2. Uturangaje imbere
Twambaye ibyera cyane,
Byererana nk'urubura
Mu rumuri rw'izuba ;

3. Nta mwijima, tudatana !
Hafi yawe, Umugeni
Azerekana ububasha
N'ubuntu bwawe bwose.

4. Niwe mbuto y'urukundo,
Azabonwa uwo munsi,
Ubwo azaba akikijwe
N'urukundo rw'iteka.


5. Urwo rukundo turamya
Tudashyikira neza,
Rwazanywe n'umusaraba
Wawe rutugeraho.

6. Koko ukuzura kwarwo
Gukomezwa na Mwuka,
Akatumara inyota,
Tukuzura ibyishimo.

7. Kugera ku munsi ucyeye
Twifuza mu kwizera,
Ubwo umugabane wacu
Ari ugukunda Yesu.

## 157


N'ijwi riringaniye
p
1. U - bwo u - za - za, Ye - su u - ri mu bu - ba - sha,
mf
A - ba - si - nzi - ri - ye ba - za - zu - ka,
f
Nko gu - hu - mbya ba - hi - te ba - za - mu - rwa,
U - ba - ge -




2. Natwe abakiri bazima ku isi,
Butunzi buhishe wishakiye,
Mu ijoro, tunari maso dusenga,
Tugutegereje nk'umukiza.

3. Ukwicuza, kurira, kubabara,
Ntibizwi mu gihugu cy'ijuru :
Kuba uhari, Yesu, birahagije ;
Ni amahoro n'ituze mu Mana.

4. Tumaze kwakirwa mu nzu ya Data,
Bana b'Imana, bwoko buramya,
Tugukikije, ahera mu ijuru
Turi abami ndetse n'abatambyi.


5. Mbega urukundo rutarondoreka
Ruhuza ubuntu bwawe n'ukuri !
Wasanze umunyabyaha w'imbata,
Mu isi mbi yagomeye Imana.

6. Usiga ubwiza bwawe budashira,
Uramanuka ujya no mu rupfu,
Ku musaraba, Mwami w'ubugingo,
Wapfuye rubi uzir'ibyaha.

>>>

7. Dukomere nshuti, twubure amaso ;
Bene Data, umukwe Yesu araje !
Aturarikiye ibirori byera ;
Tuzaruhukira mu rukundo !






2. Zina ry'uwiyoroshya wanzwe
Wuzuye impuhwe ku bwacu,
Mbata yemeye kwikorera
Umutwaro uremereye ;

3. Zina ryiza rinakomeye
Gisubizo cyo kwizera ;
Ubu iryo zina rihuza
Abawe bagukikije ;

4. Zina ry'ubutware Imana
Data izegurira byose ;
Ijuru, ikuzimu, isi
Bizaryikubita imbere,


5. Zina rishya, ryo mugabane
W'abacunguwe batsinze,
Zina Itorero iteka
Rizitwa mu ijuru rishya ;

6. Yesu Zina ritarondorwa,
Zina ry'Imana ikomeye,
N'irya Ntama Mukiza w'isi,
N'irya Muntu wanazutse ;

>>>

7. Inyenyeri yo mu museke,
Zuba ritumurikira ;
Habwa ikuzo, zina ry'umucyo,
Shimwa zina ry'urukundo !






2. Ubwo twari kure yawe turi mu kaga,
Mu mwijima tutizeye gutabarwa,
Twahise tumurikirwa n'umucyo wawe :
Yesu aduhishurira izina ryawe Data
N'ineza yawe nyinshi y'iteka ryose.

3. Mana ikiza ubuntu bwawe buhebuje
Ntibwigeze bugira ikibutangira,
Butugira inama bukanadushoboza,
Tuzakwamamaza mu ndirimbo y'iteka,
N'ineza yawe ihoraho iteka ryose !

160


Buhoro n'icyubahiro
p
1. Ha - fi y'i - nte - be y'I - ma - na, I - myu - ka i - te - ge - re - je i - ku - zo,
Rya Ye - su wa - du - pfi - ri - ye, I - ru - hu - ki - ye mu ku - ne - sha.
mf
Rya Ye - su wa - du - pfi - ri -
A - ri - ko mu mu - ku - mbi


ye, I - ru - hu - ki - ye mu ku -
we, U - wo a - ku - nda bi - ta -
mf
ne - sha. A - ri - ko mu mu - ku - mbi we, U -
nga - je, Ba - ri - ri - mbi - ra mu i - si ba - ti :
f
wo a - ku - nda bi - ta - nga - je,
Shi - mwa Nta - ma, shi - mwa Nta - ma !
>>>

2. Duteranyirijwe hamwe,
Dushime umwami w'ubugingo,
Niwe mfura mu bapfuye ;
Mu mibabaro ye itavugwa,
Yikoreye ibyaha byacu,
Biremerera ubugingo bwe,
Imana imuteye umugongo :
Shimwa Ntama, shimwa Ntama !

3. Niwe mutambyi mukuru
Uri mu mucyo utegerwa,
Kandi nawe mucunguzi,
Utuvuganira ku Mana.
Twashyizweho ikimenyetso,
Dufite umwuka w'ubugingo
Uvugisha itorero riti :
Shimwa Ntama, Shimwa Ntama !

4. Vuba umukwe wo mu ijuru,
Nkuko yadusezeranyije,
Azaza atujyane twese.
Tuzabana nawe iteka,
Turirimba indirimbo nshya
Mu murage mwiza w'ijuru.
Nibwo tuzavuga iteka ngo :
Shimwa Ntama, shimwa Ntama !


# 161


N'umunezero
mf
1. Du - te - ra - ni - jwe
n'u - ru - ku - ndo, Twe - bwe, a - ba - ku -
mf
ndwa na - we. Ku bwa Mwu - ka, tu - ra - je
mf
f
twe - se Ku - ku - ra - mya, Ma - na i - ki - za !
f
>>>

2. Kuba uhari ni ineza nyinshi ;
Udukunda urudashira ;
Abo ukunda bose ubaha
Kuruhuka n'amahoro.

3. Turagushimisha imitima,
N'amajwi yacu uyu munsi,
Yamamaza umurimo wawe,
Ikuzo no kuza kwawe.

**162**









2. Ijuru ryose ryumvikanamo indirimbo,
Ijoro rishize, kurira, kubabara
Biciwe iteka, nta gutinya ukundi !


3. Mu bicu humvikana ijwi rihamagara,
Abakobwa baza, buzuye umunezero,
Bitwaje amatara, ngo bakire umukwe.

4. Nawe, ku bw'igihembo cy'ubudahemuka,
Abakingurira urugo ruhoraho,
Azabakira mu munsi mukuru we.

# 163


N'umurego
mf
1. A - ra - je, a - ra - j'a -
vu - ye mw'i - ku - zo, Kri - sto Mu - ki - za wa -
f
du - pfi - ri - ye : A - be - ra ba - ma - ma -
mf
za ku - ne - sha kwe, Bo bu - mvi - s'i - jwi rye




2. We mvano y'ibyiringiro by'iteka,
Mu bwiz'agaruts'ava mu ijuru.
Ubw'abakunzi be bari mu kaga,
Bazasangira na we ikuzo.
Alleluya ! Alleluya !
Amaso yose azamubona.

3. Dore mu bwiza aracyafit'inkovu
Z'amakuba yagize ku bwacu.
We huriro ry'ibisingizo byera,
Abera baramya bapfukamye.
Alleluya ! Alleluya !
Araje Ntama, Umukiza Umukwe !

>>>

4. Yes'Umugen'araguhamagara ;
Hamwe na Mwuka Wer'ati : « Ngwino » !
Wigaragaze mu ikuzo ry'iteka
Wambay'ubwiz'ushimwa n'abawe !
Alleluya ! Alleluya !
Amina Nyagasan'uti : « Ndaje ».







2. Yesu, ntawe uhwanye nawe,
Ni wowe kuri wenyine ;
Byose muri wowe ukuzwa,
Ni urukundo, gukomera.

3. Kuv'ubu, mu budahemuka,
Tubeho ku bwawe Yesu,
Tuguturan'umwet'iteka
Ishimwe ryera ry'abawe !

165


Murandaga
p
1. I - mba - ta z'i - cya - ha, twa -
p
ge - nde - ra - ga mu i - si, Twa - zi - mi - ye, nta
f
p
byi - ri - ngi - ro, nta Ma - na, U - bo - na tu - ge -





2. Watwitangiye ku musaraba w'isoni,
Data yaguhanishij'uburakari :
Gutereranwa no gupfa bikugeraho,
Washaririwe n'urubanza rw'Imana.

3. None twakijijwe n'ubuntu budashira,
Mu rukundo twishimye tujya mu ijuru
Dutuje twizeye, kuko umurimo wawe
Waduciriye inzira ijya mu ijuru.

4. Turagusingiza, mu rukundo dushima,
Mukiza tukwerekejehw'imitima.
Twiteguy'umunsi wo kubohorwa kwacu,
Ubonwa n'amaso yo kwizera kwacu.

# 166


Ishyushye
1. Ye - su ya - je a - vu - ye mu i - ju - ru, A - ra - za, A - ra - za.
Ya - ba - ye i - gi - ta - mbo a - bi - sha - ka, A - ra - pfa, A - ra - pfa.
Ma - ze a - su - bi - ra mu i-




2. Nkubona mu ntebe ya cyami
   Uganje, Uganje,
   Ntama wabaye ikivume
   Ku giti, Ku giti,
   Wamamajwe n'Imana ubwayo
   Umwami, Umwami.

3. Kuko vuba tuzakubona
   Ku bicu, Ku bicu.
   Twifuza Mukiza, Mwigisha
   W'ikuzo, W'ikuzo,
   Kugukunda, kugukorera
   Iteka, Iteka.


4. Maze uko tugenda mu isi
   Bimenywe, Bimenywe
   Ko tugukurikiye Yesu,
   Mu iyi si, Mu iyi si,
   Mu byishimo no mu makuba,
   Turwana, Turwana.

>>>

5. Dore umuseke uratambitse,
Ni ukuri, Ni ukuri :
Izuba riritamuruye
Hirya iyo, Hirya iyo,
Mu mpinga murebe igitondo
Kiraje ! Kiraje !

**167**





shi - mo bi - ta - vu - gwa, U - bwo mu ma - so
mf
p
ha - yo Ha - za - ba - ra - si - ra, mu
mf
ma - ho - r'i - te - ka, Ha - za - ba - ra - si -
pp
ra mu ma - ho - r'i - te - ka !

>>>

2. Iteka ryos'umucyo
   Wo mu rugo rwa Data !
Umwijima wahunz'umucyo w'amanywa.
   Ndets'iyo kure y'isi,
   Kubaho kwacu kwose,
Tuzanezerwa mu rukundo hafi ye. *(bis)*


**168**






2. N'umutima wishimye,
   Wowe gitambo cy'ibyaha,
   Ntama wadutsindiye,
   Turavuga tukwibuka.
   Twese duhuje amajwi
   Dushimye ibyo wakoze.


Murandaga
169
1. Ku - ku - ra - ta Mwa - na wa
Da - ta I - ndi - ri - mbo y'I - ju - ru
n'I - si I - za - za - mu - ki - ra mu
ngo - ro I - te - ka,




2. Amaso yawe azamurika,
 Mu mitima yuzuye ubuntu,
 Uyiharire yose yose
 Iteka, Iteka.


3. Imibabaro yawe ikiza,
 Kunesha kwawe guhoraho
 Abawe bakuvuge ibigwi
 Iteka, Iteka.


4. Itorero risa na Yesu,
 Rihamya ikuzo ritangaje,
 Rizaririmba ubuntu bwinshi
 Iteka, Iteka.

# 170


N'umurego, byumvikana
1. Mu - ki - za ! Mu - ki - za !
Wo - we Ma - na i - ko - me - ye, Wo - we Nyi - r'i -
Cyane
ku - zo ryi - nshi I - hu - ri - ro ry'u - bwi - za,

# 170





2. Mukiza ! Mukiza !
Tuyobore Mwungeri.
Ibyiza udushakaho
N'umutwaro woroshye ;
Udukunda, udutinyura :
Dutungishe urukundo
Iteka ! Iteka !


Mworohoje
mf
171
1. O Mu - ki - za ! O
p
so - ko I - da - ka - ma Y'I - byi - za byo - s'I -
ne - za n'u - bu - ntu ! Mu - ri wo - we tu -




2. Kubwo gukiz'intama yazimiye,
Nta mbarag'uzigama ku bwayo ;
Yari igiye gupfira mu butayu
Unezezwa no kuyiterura.

3. Mushumba mwiz'ineza yaw'iteka
Izayicyur'iwaw'umuns'umwe.
Uyiwara ku bitugu bihamye ;
Uyikuyakuya n'urukundo.


Murandaga byumvikana
172
p
1. E - se Ma - na, bya - sho - bo - ka
mf
ko u - mu - ntu bu - ntu, U - mu - ntu wa - ndu - ye nka -
p
mf
njye, Ya-hi - ndu - ka u - mwa - na wa-we a - ka - kwi - ta
Da - ta, U - ka - na - mwi - ye - ge - re - za ?

2. Koko urukundo rwawe mu migambi myiza,
Kubwo kudukiza urupfu
Wahanye Umwana wawe ukunda mu makuba
Yo mu rubanza n'urupfu.


3. Yesu ukundwa nawe, we byishimo byawe,
Umwe nawe mu migambi,
Yitambaho ubwe igitambo gishyitse
Kugirango akize ababi.

4. Nta kindi ijisho rizabona kiruta iki :
Igiti wamanitsweho
Umwami w'ubugingo igihe cy'umwijima
Imana ihana icyaha.

5. Abamarayika barunguruka mu isi
Bari guhinda umushyitsi,
Ngo bapfukamire ubwiru butangaje
Bw'uko kwicisha bugufi.

6. Natwe abacunguwe, ubwoko bwawe bwera
Abo ufite ku mutima,
Twe mbuto z'ibyo wakoze ntituzabasha
Kugushim'uko bikwiye !

173


Buhoro byumvikana
1. Ye - su wa - cu - ri - ts'u -
mu - twe : Wa - he - ts'u - mu - twa - ro ; Mu
kwi - shyu - r'u - mwe - nda wa - njye, U - ra - nyi - ta - ngi -
ra. Nta ki - bi Ki - ki - nte - ge - ka ; Nta




2. Igikombe cy'umujinya
Kiranaseseka.
Maze urakiranguza
Ntiwansigarije.
Igikombe,
Kubabazwa,
Ni agakiza kanjye ! } *(bis)*

3. Warapfuye ndabohorwa ;
Kandi mpfana nawe.
Waratsinz'urambohora
None mbana nawe.
Kuza kwawe
Mu kirere,
Ni ikuzo kuri njye ! } *(bis)*


N'ibyishimo
174
p
1. Nye - nye - ri i - he - bu - je
mf
I - mu-ri - ki - ra, I - nko-ni i-nyo - bo - ra,
p
mf
Mu - ga - t'u - ntu - nga, Ri - ba ry'u-bu - gi - ngo,

# 174




2. Ninde wasa nawe,
Yesu Mukiza ?
Iyo nagirijwe
Uranyakira,
Byiringiro byiza
Bimfash'iteka,
Amahoro yanjye
Nyahabwa na we.

3. Ubw'uzagaruka
Nzumv'ijwi ryawe
Rimpamagara ngo :
Ninze mu ijuru.
Nzaba nitwaj'iki ?
Nzemerwa nande ?
Nkinguriw'urugi !
Mbikesha wowe !


175
N'umurego
mf
1. I - ju - ru rya - ge - nde - re -
p
ye i - si : E - ma - nu - el a - du - sa -
mf
nga. Ma - n'a - b'u - mu - ntu ! Mbe - ga u -
pp
bwi - ru ! A - be ba - mu - pfu - ka - mi - re !

2. Rukundo rudasobanurwa,
Mwana w'Imana, Muremyi,
Yaje muri twe abanyabyaha
Ari umugaragu nyawe.

3. Urwo rukundo rwiyoroshya
Rwamanutse bikabije;
Umwana w'umuntu yitanga,
Apfira abagome bose.

4. Ni uwuhe mubavu utavanze
Abawe bakakwituye ?
Impumuro y'ishimwe ryacu
Si urukundo rwawe Yesu ?

5. Ijuru ryagendereye isi :
Emanuel adusanga,
Man'ab'umuntu ! Mbega ubwiru !
Abe bamupfukamire !



176
Biringaniye, byumvikana
mf
1. U - ci - ye bu - gu - fi cya - ne,
Wa - su - zu - gu - we n'a - b'i - si
Mu nzi - ra i - ru - hi - je,
Wa - ra - yi - ra - ri - ka - ga ;
p
Mu - ta - ba - zi
mf
u - du - ku - nda W'i - mpu - hwe u - ki - ra - nu - ka,
mf
Ku - ri i -
yi si i - ki - ra - ni - rwa
f
Wa - ta - nze I - byi - za byi - nshi.

2. Mbega ! ubutunzi duhabwa
N'umutima udukunda !
Imana iwuhishuramo
Urumuri no kwera ;
Natwe ubuntu butwuzuye,
Turi abana b'Imana,
Tunyura mu nzira yawe
Mu rukundo nk'urwawe.

3. Dutukwa dushariririrwa,
Mu ntimba n'imiruho,
N'ubwo umubiri usaza,
Utubere urugero
Rudukomeze iteka,
No mu ntege nke zacu
Tugaragaze ishusho
Y'ubutungane bwawe !

4. Bidatinze tuzicazwa
Mu birori by'ahera,
Aho uzabonwa n'abawe
Ntama w'Imana ukuzwa !
Turimbishijwe ubwiza,
Dusangiye ikuzo,
Nyagasani tuzanyurwa
No gushushanywa nawe.


N'umurego
p
177
1. Mu - cu - ngu - zi mwi - za, U -
bu I - to - re - ro Ri - ra - ni - ha
mf
cya - ne. Ngwi - no te - bu - ka ! Nye - nye - ri i - mu -
Cyane f




2. Munsi w'ibyishimo
By'intore zawe,
Kwizera gutatse !
Ngwino Mukiza !
Itorero ryawe
Rizagera aho
Ryemerwa iteka
Mu rugo rwiza !

# 178


Murandaga, byumvikana
1. Tu - ra - ta u - ru - ku - ndo ru - he - bu - je rwa Ye - su. Ni - we bu - tu - nzi bwa - cu a - ra - du - ha - gi - je,
U - mu - cyo we u - ra - si - ra I - sa - nzu - re ryo - se, U - ga - ra - ga - z'u - ru - ku - ndo ru - da - sa - za.
U - rwo ru - ku - ndo ru - re - ru - re bi - ta - vu - gwa.


Ru - ge - ra ku - re ru - ga - su - mba n'I - ju - ru.
U - he - re - ye ke - ra mbe - re y'u - ko I - si I - re - mwa,
Nya - ga - sa - ni wa - ra - du - ku - nze ! — U - shi - mwe !
>>>

2. Wavuye mu ijuru ahuzuye amashimwe,
Wowe Mwana uhoraho utatse ubwiza,
Muremyi mwiza uramywa n'abamarayika,
Uza ubwawe hagati mu banyabyaha.
Kugira ngo udushyitse mu rugo rwa Data,
Wiyanze ubwawe n'ababi  barakwanga,
Mushumba ugwaneza ubonye akaga kacu,
Nyagasani waradushatse ! — Ushimwe !

3. Wanyuze mu nzira wenyine utereranywe
Utanga ubutunzi bw'ineza y'Imana,
N'ubuntu kuri bose kandi igitangaje
N'umuntu yarakwanze mu buhumyi bwe.
Washenguwe no kwangwa ntiwanabyitaho
Utumbira intego y'urukundo rwinshi
Ntacyazitiye umurimo w'ubuntu bwawe.
Nyagasani waraturonse ! — Ushimwe !

4. Igihe kigeze umunsi w'ikibunda
Mu nzira iruhije uhetse umusaraba
Mucunguzi utamirijwe ikamba ry'amahwa
Baragututse baguha urw'amenyo !
Wanzwe kubwacu ubambwa i Kaluvali,
Wanyoye ibisharira uraduhanirwa
Uhabwa igihano gikabije cy'icyaha;
Nyagasani uradukiza ! — Ushimwe !

5. Twifuza kuririmba mu buzima bwose
Urukundo rwawe rutagerereranywa !
Ubwo tuzahindurwa n'imbaraga zawe,
Tuzaba dushyitse ku munsi w'izuka,
Nibwo tuzakubona wicaye ku ntebe
Nshuti idahemuka wowe Yesu ukiza,
Abawe banaga amakamba imbere yawe,
Nyagasani turakuramya ! — Ushimwe !


179
Ishyushye
mf
1. Ye - su u - du - ku - nda, A -
gi - ye ku - za, Ku - jya - na a - be. Ngwi -
p
no, Ye - su, Wo - we mi - ze - ro Ya - cu twe -
f
se, Wo - we mi - ze - ro Ya - cu twe - se.

2. Mu ngoro yera
Y'Imana Data,
N'Umwana we,
Twishimiye
Mu mucyo mwinshi } *(bis)*
Mu rugo rwe !

3. Kubw'umurimo
N'umwanya ukwiye,
Mu gituza
Cyawe Mukwe,
Tuzaruhuka } *(bis)*
Bidashira !

4. Tuzaruhuka
Nta kirogoya
Tugufite,
Dushobora,
Byose bishize, } *(bis)*
Kukubona !

5. Bwiza bw'Imana,
Mwigisha mwiza,
Mu by'ukuri
Tuzamenya
Iteka ryose } *(bis)*
Ko udukunda !

# 180



Mwihuta
mf
1. U - ru - mve To - re - ro ri - ku - ndwa, Ya - j'U - mu - kwe !
Du - ko - me - z'a - ma - ta - ra a - ca - nye, Ya - j'U - mu - kwe !
Do - r'i - gi - cu - ku ki - ra - ni - shye ;
U - bu nta - bwo tu - ra - mu - bo - na,




2. Urusaku rurumvikana :
    Dore Umukwe !
  Nta joro nta gutegereza ;
    Dore Umukwe !
  Umv'ukw'impand'ihamagara
  Iturarikir'ibirori.
  Ngo « Torero uriteguye ? »
    Dore Umukwe !

# 181


Ishyushye
mf
1. O ! Mbe - ga i - byi - shi - mo i -
yo mu i - ju - ru, Mw'i - jwi ry'u - ko - me -
f
ye u - ho-ra - ho Ha - vu - ye - mo u - mu -
p
cyo ! Ya - ba - mbye i - ju - ru n'u - ku - bo - ko
f





2. O ! Mbega ibyishimo iyo mu ijuru,
Ubwo ino mu isi Yesu, Emanweli,
Avutse mu ntege nke !
Abamarayika bati : « Kuzwa
Nyagasani amahoro abe mu isi ! »
Banezerewe cyane.


3. O ! Mbega ibyishimo iyo mu ijuru,
Iyo umunyabyaha umwe yitabye
Yesu umuhamagara,
Ibyaha abikurwaho burundu !
Ahabwa ubugingo n'amahoro,
Akamubumbatira.

>>>

4. O ! Mbega ibyishimo iyo mu ijuru,
Ubwo abera b'umunsi uhoraho
Bazaza kwicarana,
Hafi ya Yesu bishimye iteka,
Baririmba urukundo rwe rwiza
N'ubuntu butavugwa !






2. Soko y'urukundo y'iteka,
   Idudubiz'iva ahera,
   Idusendereza iteka,
   Ukuzura k'ubumana !

3. Hahirw'uwatewe ku ruzi,
   Ku nkomb'ari igiti cyera,
   Gishora imizi, kandi kinywa
   Amazi yarwo iteka !

4. Ararumbuka aker'imbuto ;
   Akomera buri munsi:
   Hahirwa umuntu kuri iyi si,
   Unywera kuri iyo soko !

# 183

*Muranguruye*







2. Haje iherezo rya byose ;
Ibyiza ntibihoraho.
Guhirwa kw'iteka kuraje,
Aho ibigeragezo
Bizasimburwa n'ibyishimo
By'umunsi w'ikiruhuko.
Hazavaho ibyiringiro
Kwizera, uretse urukundo.

184


Buhoro, byumvikana
1. I - yo ni - te - ge -
re - za ngu - si - ngi - za, U - ko u - mu -
ri - mo wa-we u - ta - nga - je, I - ju - ru,
u - kwe - zi n'i - nye-nye - ri Wa - shyi - ze a-




2. Ngitangaye ndanyurwa ndibwira nti :
Umuntu ni iki Mana isumba byose !
Ngo ineza yawe imwibuke,
Akaburirwa n'ubuntu bwawe ?

3. Asumbwa gato n'abamarayika
Bamamaza ikuzo ryawe mu ijuru ;
Kandi wamutamirije ikuzo
Unamukikiza icyubahiro.

4. Wamugize umutware w'ibyaremwe
Ibyo amaboko yawe yiremeye ;
Mana, ibyo byose uzabishyira,
Munsi y'ibirenge by'uwo Mwami.


N'umurego
185
p
mf
1. Ngwi - no Mu - ki - za ! Ku -
ko i - si y'a - ka - ga, Yu - zu - ye i - bi - bi, Do -
p
mf
re u - mu - ti - ma Ntu - ha - bwa na - mba I -







2. Ntama w'ikuzo,
Nzakwitegereza
Uri mu mahoro
Utats'ubuntu.
Uko udukunda,
Uri mw'ijuru,
Aho Data atuye,
Udusukeho
Umucyo we utuje.
Ruhuko ryanjye !

3. Ruhuko ryiza
Riva mu rukundo,
Uzampa ibyishimo
Iteka ryose !
Mbega guhirwa !
Kukwikundira,
Mpawe gusa nawe,
Nzanyurwa nabyo.
Mucunguzi mwiza,
Ruhuko ryanjye !



186
Tunezerewe
mf
f
p
1. Ru - ku - ndo rwa Ye - su, ri -
ba ri - du - du - bi - za Ri - ma - ra i - nyo -
ta, Ri - ma - ra i - nyo - ta, Nta
ki - ntu cya-ka - mya a - ma-zi a - gi - ra





2. Rukundo rwa Yesu, urampagije rwose.
Amahoro, ihirwe, *(bis)*
Nkubonamo byose ukananasusurutsa,
Mbasha kwihangana, mu ntambara, gucyahwa,
Rukundo rwa Yesu ! *(bis)*


>>>

3. Rukundo rwa Yesu, nzabona bisesuye
Kuganza k'ubwiza. *(bis)*
Mu rugo rwa Data, ndangije urugendo,
Nzaba mpanze amaso namamaza iteka
Urukundo rwawe ! *(bis)*

# 187






2. Hari umurwa, wera umurikisha ikuzo
Wa wundi abawe bareba bizeye,
Nzarya no ku mbuto y'ubuntu bwawe Mana,
Turi kumwe iteka ! *(bis)*

## 188


N'ubwira
p
1. Mu - ki - za So - ko
y'u - bu - gi - ngo, U - bwo na - ri ku - re ya - we, Nu-
p
mvi - se i - jwi ri - ra - ri - ki - ra A - ba - bi u - bu - kwe
f
bw'u-mwa-mi. Ku-va u-bwo mu ma - ho - ro ya - we, Nu-
mf








2. Muri uyu mwijima uruhije,
Unkomeza mu kwizera
Unjyana mu bwihisho nyabwo,
Mushumba mwiza unyitaho.
Iyo ikibi kigwiriye,
Ubwo wenda kugaruka,
Nguhimbariza ineza yawe,
Ko unyitaho mu rukundo.

>>>

3. Bidatinze mu nzu ya Data,
Uzakira uwacunguwe,
Ngo ahishurirwe ubwiru bwawe
Bw'ineza n'ubuntu byawe.
Ubwo niho mu rugo rwawe,
Hamwe n'umukumbi wawe,
Nzamamariza mu ndirimbo
Ubwiza bwa Ntama Wera !

# 189






2. Ntabwo inzar'izanyica :
Untegurira byose.
Umpumuriza n'inshyimbo,
Nizeye k'unyitaho.

3. Mu gikombe cy'umwijima,
Uba uri hafi yanjye,
Umutima uhumurizwa
No kumva turi kumwe.


4. Mu buturo bwo mu ijuru
Aho nzakirwa vuba,
Ngo nkwirebere mu mucyo,
Mwungeri ukomeye.

5. Ni amahirwe kukumenya,
Wowe utajya uhinduka,
Mukiza, Mwigisha, Mana,
Mutabazi, Mwungeri !

*Ntakurandaga, kandi byumvikana*

**190**






2. Niwe kwizera kwanjye.
Niwe nyungu yanjye,
Iyo mukurikiye,
Nta gihombo ngira ?
Niba ibyo muri iyi si
Bije kunzitira,
Imbaraga ze nyinshi
Nizo zibindinda.

3. Hahirwa, uwabohotse,
Ugana mu ijuru,
Nzaririmba kuri ya
Ndirimbo y'iteka.
Imibabaro, yanjye,
Ntimbuza kwizera.
Kugeragezwa kwanjye
Kumpesha umugisha.

4. Mu rugendo rugufi
Urwo natangiye,
Niba niha nkarira,
Ese binca intege ?
Oya, ubuntu bwawe
Nibwo mpungiraho ;
Mpumurizwa n'inkoni,
Na ya nshyimbo byawe.

5. Yesu, mutsima untunga
Umbeshaho mu isi,
Unkomeresha ibyawe
Buri ntambwe yose.
Kugira ngo nse nawe,
Nzakubona vuba
Mu ikuzo rihebuje,
Kandi nzakuramya !

# 191




2. Kuzamuka k'umutima
Mu isanzure ry'ijuru,
Yesu, wakwenda kwegera
Hafi y'umwenda wawe ;

3. N'igisingizo gishyitse
Cy'abatsindishirijwe
N'umubavu utavanze
Ugusigw'ibirenge.

4. Ku isi hagiye kubaho
Umunsi amahanga
Azagana ingoro yawe
Azanye amaturo,


5. No kunywera ku masoko
Aturuka ahera,
Amazi yayo yuhira
Yerusaremu yera.

6. Hazumvikana ubutitsa,
Aho ibwami kwa Ntama,
Indirimbo y'ibyishimo,
N'urukundo rw'iteka !

7. Itorero rigukunda,
Mu ishyaka ricecetse,
Rizanaga ikamba ryaryo
Imbere yawe Yesu !

**192**


N'ubwira
1. Mu bi - he byo - se
ka - ndi ho - se, Ndi ku ma - ba - ba y'i - ki - zu, Ni-
shi - ngi - ki - ri - za ku Ma - na, Y'i-mba - ra - ga n'u-
ru - ku - ndo ; No mu ru - ge - ndo rwa - njye rwo - se, Ru-




2. Inkuba zirasa hejuru ;
Mbona umurabyo mu ijuru ;
Sintinya inkubi y'umuyaga
Ntwikiriwe n'ibaba rye.
Mw'ubwo buhungiro butuje,
N'aho umwanzi anyibasira,
Nkomeza umunezero utuje,
Mu gicucu cy'Ikomeye.

3. Umurwa wera urahingutse
Aho uzanyinjiza vuba.
Muri urwo rugo rw'ikuzo,
Nta kizinga nta kinegu,
Umugeni wawe akubone
Adakingirijwe iteka,
Avuge imbaraga n'ineza
By'Imana igira ubuntu.

193


Ishyushye
1. U - ku - bo - ne - ka kwa
Ye - su Ku - za - kwi - ra mu i - sa - nzu -
re ; A - za - ge - za u - bu - ba - sha bwe
Ku nko - mbe zo - se z'i - nya - nja.

2. Hose ingoyi zizacika ;
Habe amahoro, urukundo ;
Nta bukene, nta miruho,
Nta cyuya kur'uwo munsi.

3. Hashimwe ineza ye nyinshi !
Niko abera bazavuga.
Ndetse azanahimbazwa
N'akanwa k'abana bato.

4. Ku ngoma ye y'agakiza
Urupfu ntiruzaganza,
Turindwa n'igicucu cye
Gitwikire intore ze.

5. Isi izahabwa umugisha,
Isi izabyishimira.
Abantu mu bwiyoroshye
Bapfukamire imbere ye.


Amajwi y'urwunge
194
1. « Do - re nda - za vu - ba :
mu - te - ge - re - ze nda - je ! » U - wa-du -
cu - ngu - ye ni - ko a - bi - vu - ga.
Al - le - lu-ya ! Al - le - lu-ya ! Al - le - lu-ya ! Al -




2. Isi, umubiri, wa mwanzi ukomeye,
Ni rwa rupfu rwawe rwabidukijije,
Alleluya ! Alleluya ! *(bis)*
Ngwino Nyagasani, *(ter)* – ni wowe twiringiye.

3. Ku isi tuhabona kugeragezwa kwinshi,
Ariko mu ijuru nta kuruha ukundi.
Alleluya ! Alleluya ! *(bis)*
Ngwino Nyagasani, *(ter)* – gutwara ubwoko bwawe.



195
N'ubwira
p
1. Ni - nde se twa - ga - na ? I -
yi i - si i - ra - shi - ra, I - twa - rwa n'u - mu -
f
p
bi, yu - zu-ye i-bi-nyo - ma. E - se twa-ku-ba -
mf
ka ku - ri u - yu mu - se - nyi ? O -





2. Twajya gushakira ubumenyi bw'Imana
Y'ukuri, umucyo n'urukundo kuri nde ?
Waduha amahoro no kudashidikanya,
Ubwo tugenda turemerewe cyane ?

3. Ninde se twagana ? Soko ihora ari nshya
Iduhemburira imitima ikakaye,
Amagambo yawe ni ubugingo bw'iteka :
Tuyigira ku birenge byawe byiza.

4. Ninde se twagana ? Ijwi ryawe rikundwa
Ritubwira riti : mwitinya mwizere !
Uduhanagura amarira, uduhoza :
Ninde se twagana, niba atari wowe ?

196


Murandaga, muranguruye
mf
1. Ma - na i - ko - me - ye, mu ma - bo - ko ya - we, I - te - ka u - tu - ri - nd'i - nku - bi y'u - mu - ya - ga ; Ku - ko tu - r'a - ba - we wa -
f
p








2. Tubon'imisozi itigita igwa,
Umuraba ukomeye usuma uteye ubwoba,
Nta kiwutangira – nta cyahungabanya
Umutima wiyoroshya ukakwisunga.

3. Mbese ntiwavuze ko utajya uhinduka ?
Ijambo ry'ukuri, ry'iteka, ridakuka,
Riradukomeza rikatuyobora,
Ntirinyeganyega iyo byose bihirima.

# 197


Muguwe neza
p
1. Ru - hu - ki - ro, ga - ko - ndo
ye - ra, Bu - tu - ro bwi - za bw'a - be -
mf
ra, Mu - rwa du - ku - nda wa za -
mf
ha - bu, Nsha - ka ku - ku - ne - ze - re -




2. Nzajyayo nkijijwe n'ubuntu,
Untegererej'ahera,
Uti nakuboneye umwanya
Muri paradizo nishwe.
Nduhukiye ! Muri Yesu,
Nta kuruha, nta gahinda.

# 198




2. Dore inkombe imaze
Kugaragara kure ;
Nshuti, tugire ubutwari,
Tugiye kuruhuka.

3. Niduterwa n'umuyaga,
Ntidutinye amakuba ;
Mu bwato bwacu hicaye
Umugenzi w'ijuru ;


4. Uwo mworera mubisha,
Ahatuye urupfu,
Hatuza kw'ijwi rya Data ;
Dusohoye ku cyambu.

5. Mbeg'u munezero mwinshi
Abe bazamubona,
Ubwo ineza y'ubumana
Izambikwa ubwoko bwe !

6. Dore tugeze ku nkombe
Irasiwe n'izuba ;
Nshuti, tugire ubutwari,
Tugiye kuruhuka !

# 199


Buhoro, byumvikana
1. Ndi hose na Ye - su ! Ni
we ne - ga - mi - ra. Nti - du - ta -
ndu-ka - na, ku - ko mba - na na - we !
Ku - mu-ku - ri - ki - ra, nta mba-ra - ga bi -




2. Ndi hose na Yesu ! N'ubwo uwo Mwungeri
Anyuza mu nzira zirimo ibirushya,
N'ubwo angerageza, akambuza abo nkunda,
Iyo mbuze byose, ni we ubwe nsigarana.


3. Ndi hose na Yesu, ku zuba ryo mu cyi ;
Ndi hose na Yesu, mu mvura y'itumba ;
Ndi hose na Yesu, umuseke utambitse,
Ndi hose na Yesu, ijoro ringwiriye !

4. Ndi hose na Yesu ! Nyobowe na Yesu,
Haba mu itanura cyangwa umubabaro ;
Ndi mu kiruhuko, ku murimo naniwe,
Ndi hose na Yesu, njyanwa n'urukundo rwe !

>>>

5. Ndi hose na Yesu ! Nta cyankangaranya.
Turi kumwe na we sintinya urupfu.
Angenda imbere, nkanamukurikira.
Ndi hose na Yesu, mu rupfu no kubaho !









2. Nk'uko impala yahagira
Ishaka amazi yanywa,
Niko muri ubu butayu
Nihira mu mutima.
Hamwe n'abawe tuti :
« Amina, Yesu, ngwino ! »
Mukiza, wanjye ni ryari
Nzakureba duhanganye ?

3. Kwishimira ubuntu bwawe,
Mvuga urukundo rwawe,
Kukubona, Nyagasani,
Kubana nawe iteka
Abawe, twese tuti :
« Amina, Yesu, ngwino ! »
Subiza gutaka kwanjye,
Kuko ari wowe nshaka.

201


N'ibakwe
mf
1. Nshu - ti, ni - du - shi - ka - me !
Ha - ri bu - ze vu - ba I - gi - to - ndo gi -
f
ke - ye :
mf
Ku mwa - ro u - ho - ra - ho






2. Hano hari imiyaga,
Hari imibabaro,
Ntaho kuruhukira :
Ubwihisho buri he
Bw'imitima yacu ? *(bis)*

3. Ku mutima wumvira
Hari icyambu cyiza ;
Ni iruhuko rituje,
Ubwihisho butuje
Mu Mana ikomeye. *(bis)*


4. Nshuti, nidushikame !
Hari buze vuba
Igitondo gicyeye :
Ku mwaro uhoraho
Tugiye gushyika. *(bis)*


202


Buhoro, mutuje
p
1. Ku mu - ti - m'u - ru - hi - jwe,


u - fi - t'a - ga - hi - nda, Mu ru - ku - ndo rwa,


mf
p
Ye - su, u - ra - ru - hu - ka, Ni u - bu - ru - hu - ki -





2. Turuhuka iyo twicishije bugufi,
Tukikorera umutwaro w'urukundo,
Tukwigiraho ubuntu bwawe butunganye,
Twihanganira umutwaro buri munsi.

3. Ku isi dufite uburuhukiro mu Mana !
Dukurikiye, inzir'irim'umucyo,
Itujyan'iwawe, mu mucyo wo mu ijuru,
Mu kiruhuko cy'iteka cy'abizeye.


203
Mutuje, n'umurego
p
1. Bu - gi - ngo, k'u - ti - nya ? Mu
mf
bi - he bi - ko - me - ye, Nya - ga - sa - ni Ye -
p
su si-w'u - gu - ko - me - za ? U - bu - ra a - ma -
f
so : n'u - mu - ta - ba - zi wa - we. Nta -





2. N'ubwo nahangana, n'ibyago, n'intambara,
   Nkananyuzwa mu ruganda nk'izahabu,
   Nyura mu muriro nkanyura no mu mazi,
   Ni umukiza iteka, n'ubutunzi, bwanjye.

3. Oya, sinzatinya. Ari shitan'ar'isi,
   Ntibyamvana mu maboko y'umwungeri.
   Aho nezererwa amahoro urukundo ;
   Aho mparindirwa amakub'iteka.

# 204


Buhoro, mutuje
mf
1. Ku - ri, Ye - su, nga - na ga -
p
ko - ndo, Nyo - bo - we na Mwu - ka we -
mf
ra, Nta bwo - ba, ni we ni - ri - ngi - ra Ku -




2. Arankomeza amp'imbaraga
   Mu nzira igana mw'ijuru ;
   Vuba, ndangije urugendo
   Nzakubona, Emanueli.

3. Nyamara, mu nzira sinita,
   Kubitagira umumaro,
   Kandi mw'ituze numva ijwi
   Rya Mwuka wawe udukunda.

**205**


Buhoro munezerewe
p
1. Ye - su, Nshu - ti i - he - bu - je,
mf
I - ne - ze - z'u - mu - ti - ma ;
p
Ye - su Ni we u - bwe u - nku - nda,
mf
Bu - hu - ngi - ro Mu - ki - za.

2. Yesu niwe Mucyo wanjye
Umurikira inzira,
Kugira ngo ntazayoba
Muri uru rugendo.

3. Ni Yesu rukundo nyarwo,
Buruhukiro mw'isi ;
Ni we bugingo bw'iteka
Anyobora kwa Data.


4. Yesu Byiringiro byanjye :
Vuba azava mw'ijuru
Maze anjyane aho ari
Mw'iruhuko ry'iteka.

5. Mizero, bungingo, bwanjye,
Yesu, Mucyo, Rukundo,
Hano njye nguhesha ikuzo
Ntegereje ko uzaza !

# 206


Buhoro, byumvikana
mf
1. Ku - kwi - ye - gu - ri - ra u -
ka - du - ci - r'i - nzi - ra,
mf
Ma - na y'u -
ru - ku - ndo ! Ni wo - we so - ko









2. Ndetse iyo twihebye, ntawo kudutabara,
Ibyago biteye,
Ntahandi duhungir'urets'imbere yawe,
Tukwiyegurira ! *(bis)*

3. Kukwiyegurira, twiringiye kunesha,
Tukakwegamira,
Nyuma tukinjizwa nawe mu nzu ya Data,
Byo gihembo cyacu ! *(bis)*



207
Tuzamuye amajwi
mf
1. Mu - ki - za w'u - ku -
ri, bu - gi - ngo bu - ho - ra - ho, Ri -
ba ryi - za ri - du - du - bi - z'i - te - ka
ryo - se, So - ko i - tu - nga - nye mva -
p




2. Iyo umuriro wo mu butay'utwika,
Niyo ikirere cyagurumana cyane,
N'imbaraga zacu zikagabanyuka,
Duhemburwa n'amaz'ava mu rutare.

3. Vub'aha tuzumva guhamagara kwawe,
Utwinjize mu bwami bwawe bwo mw'ijuru.
Kuko umuseke wabyo utambitse,
Kandi tuzanywa kw'isoko idakama !


N'umurego
208
1. Ma - na i - yo ni - te - ge - re - je
I - byo wa - re - mye byo - se, Mbo - n'i - sa - nzu -
re ry'i - ju - ru, Ri - twi - ki - ri - ye a - ba - ntu.

2. Iyo ndebye ingabo nyinshi
Z'inyenyeri mw'ijuru,
Ufatishij'ububasha
Mu isanzure ry'ijuru,

3. Menya neza ubuto bwanjye,
N'ubuhangange bwawe,
Menya intege nke zanjye,
Mana wowe muremyi !

4. Imbere y'amaso yawe
Ndi umunyabicumuro ;
Mbese mbasha kwiringira
Impuhwe zawe nyinshi ?

5. Nzi neza kw'impuhwe zawe
Zansanze zoroheje,
Zimfata mu buto bwanjye
Maze zikungezaho.

6. Ukeneye imbabazi
N'uwigiciro cyinshi
Kuruta inyenyeri zose
Zitagira umubare ;

7. Mu rukundo ruhebuje,
Wampayeho Umukiza
Umwana wawe ukunda,
We munezero wawe !

# 209


Mutuje, byumvikana
p
1. U - bwo nza - ba nda - ngi - je u - ru - ge -
ndo, Nki - te - ge - re - z'i - mi - be - re - ho ya - njye,
mf
Nd'a ha - re - nge - ye nza - si - ga ku - re, A - ho nde -
be - sha a - ma - so I - nzi - ra ya - njye, Ma - na nta
p



ma - ri - ra nta ma-ga - nya Bya - mpa-ga -
mf
p
ri - ka u - mu-ti - ma wi - shi - mye : Nta ki-ndi
f
cyo kwi-bu-kwa ke-re - tse, U - rwi-bu -
p
tso rw'i - mpu-hwe za-we nyi - nshi.

>>>


2. N'ubwo intambwe zanjye zasize
Amafuti menshi inyuma yanjye ;
Niba inzitizi mu nzira yanjye
Zarandindije mu rugendo rwanjye,
Akenshi cyane aho kumpana,
Ineza n'impuhwe zisendereye,
Nta kindi byansize mu mutima,
Keretse urwibutso rw'impuhwe zawe !


3. Bidatinze ijoro rizacya :
Aho tugana hazagaragara !
Inzira izamuka igana ahera
Iri hafi gusatira inyenyeri.
Iyo mu ijuru, nanezerewe,
Nzahimbaza urukundo rwawe rwinshi,
Nta kindi nzibuka iyo mu ijuru,
Keretse urwibutso rw'impuhwe zawe !

**210**



## 210




2. Mwigisha tukubahisha imitima ;
Ubereye Itorero umukwe ;
Ni wowe uhembura ubugingo bwacu :
Tugumane Yesu, tugumane !

3. Isi mbi n'ibihendo byayo bibi
Nta nyungu uretse kuzinukwa ;
Turifuza ibyishimo bihoraho :
Tugumane Yesu, tugumane !

4. Mu ntambara n'imibabaro byacu,
Mu gihe dutewe n'umubisha,
Udukomeze mu ntege nke zacu :
Tugumane Yesu, tugumane !

>>>

5. Mu bwiza bwawe turahishimira ;
No mu marira tukanezerwa.
Waba ugize icyo uduha cyangwa utwatse,
Tugumane Yesu, tugumane !

6. Dukomezwa n'ijwi ryawe Mukiza,
Rigira riti : « Ndikumwe namwe ».
Buri munsi kugera ku iherezo,
Mu rukundo uduhora hafi.







2. Yaritambye. Yishyira mu mahoro.
   Ashimisha Imana bihebuje ;
   Ihabwa ikuzo, nayo iramukuza
   Ubwo biba, birujujwe.

3. Umugome, mu gukiranirwa kwe,
   Abona imbabazi ku bwa Yesu.
   Kubwo kwishyura umwenda ukomeye,
   Yaritanze. Birujujwe.

4. Itabura umwenda mo kabiri
   Tujya ahera, iducira inzira,
   Nshyashya, nzima, igera ahera cyane
   Ikinguye. Birujujwe.

5. Ari ijuru rishya ari n'isi nshya
   Bizaririmbira mu rukundo.
   Shimwa Mana Data, ukuzwe Mwana !
   Birujujwe iteka ryose.


Byumvikana
mf
212
1. I - ku-zo rya-we, Nya-ga - sa - ni,
Rya - he - ru - tse i - mi - ba - ba - ro.
mf
A - ba - ku - re - be - sha u - kwi - ze - ra,
Ba - ku - bo - na u - ri mu i - ju - ru,





2. Mu iyi ngando y'igihe gito,
Tubabarizwamo cyane
Twifuza ingando ihoraho
Tuzambikanwa ikuzo. *(bis)*

3. Mu marira no mu miruho
Tugerwaho n'ijwi ryawe,
Ibanze ry'ibyiza bizaza,
Rivuga ngo « Ndaza vuba. » *(bis)*

4. Kandi abatoranijwe nawe,
Mu rukundo no kwizera
Ku bwa Mwuka baruvuga ngo :
« Amina, ngwino, Mukiza ! » *(bis)*


Byubahirijwe cyane
213
p
1. A - ho wa - ba - ba - ri - jwe, Ha -
mwe n'a - ba - go - me, Mu - ki - za wa - ku -
bi - swe N'I - ma - na i - ta - be - ra. E -
mf
se wa - zi - ra - ga i - ki ? Ku - ki wa-ha-nywe u-tyo ? Wo-
mf




2. Waje gukiza abantu ;
Maze barakwanga,
Kamere mbi y'ibyaha
Ibonekera aho.
Wahemuwe n'ab'isi,
Nyagasani wanzwe,
Mu mubabaro mwinshi,
Warashenjaguwe.

3. Nuko igihe kigeze
Uratereranywa,
N'Imana Yera ubwayo
Ikwima amaso.
Bwiru butarondorwa,
Wowe byishimo bye,
Usukwaho umujinya,
Utagabanije.

4. Mucunguzi w'ikuzo,
Wabambwe ku giti,
Upfira abanyabyaha,
Udukiza ibyaha,
Wemera igihano
Cy'ubugome bwacu,
Utuvana ku ngoyi,
Uduha amahoro.

5. Umurimo urashyitse
Binyura Imana,
Watamirijwe ikamba,
Utsinda byuzuye.
Ikuzo n'imbaraga,
Kubahwa n'ubwami,
Ndetse no gushimirwa
N'i ibyawe iteka !

214


Nta kurandaga
1. U-mwa-na wa-we, Ma-na Da-ta,
Ye-su yi-ta-nze h'I-gi-ta-mbo,
A-ri mw'I-ju-ru a-ri mw'I-si,
Byi-shi-mo bya-we bi-he-bu-je,
Ya-nyu-z'u-mu-ti-ma wa-we.
No-n'u-bu ya-mbi-tsw'I-ku-zo.
U-ru-ha-nga rwe rwe-re-ka-na






2. Mbere y'uko isi iremwa,
Wateguye, ubuntu bw'iteka,
Ntama utagir'inenge.
Niba yarahanywe ku bwacu,
Ni umubavu uhumura neza
Wazamuwe iyo mu ijuru !
Ukundwa nawe aritanga,
Asohoza iby'ushaka ;
Ku musaraba abirangije
Aguhesh'ikuz'iteka.

>>>

3. Yazamuwe ahera mw'ijuru,
Iburyo bwawe Mana Data,
Yahicaye anesheje.
Vuba azatwara Itorero
Iryo yaguze igiciro
Azaryishyira mw'ijuru.
Hafi ye rirabagirana,
Ritatse ubwiza bwe bwinshi,
Rizaririmba gutsinda kwe
Kugez'iteka n'iteka.

**215**






2. Mbega ukuntu ari byiza, Data,
   Ko Umwana wawe ukunda !
   Muri we imitima yibuka
   Ubwiza bwawe bw'iteka. *(bis)*

3. Yabaye umugwaneza rwose,
   Yicisha bugufi cyane ;
   Mu gihe atereranwa n'abe
   Yabaye igitangaza ! *(bis)*

4. Haba mu rupfu, mu buzima,
   Yarakunejeje rwose ;
   Yaraje, buntu budashira ;
   Arababazwa arapfa. *(bis)*

>>>

5. Yanzwe nabo muri iyi si
Maze abambwa n'abantu.
Yaguhesheje ikuzo, Data,
Nawe uramwubahisha. *(bis)*

6. Vuba nitwinjizwa n'ubuntu
Mu buruhukiro bwera,
Tuzabon'ubwiza bwe bwinshi,
Tumuramye iteka ryose. *(bis)*

# 216






2. Abera mu ikuzo umugeni ateguwe,
Ntama uzabinjiza mu bukwe bwawe,
Ubicaze mu myanya wabateguriye,
Ubwawe uzabahereza. *(bis)*

3. Mu bikari by'ijuru aho dusiganirwa,
Aho kuva kera watwifurizaga,
Tubone ubwiza bwawe burabagirana,
N'inkovu zo mu biganza. *(bis)*

4. Mu buntu bwinshi tuzabonam'ubutunzi,
Umukiro mwinshi cyane utangirika,
Ikuzo, igihamya cy'amasezerano,
Bizakwerekanirwamo. *(bis)*

>>>

5. Ikuzo ribe iry'Imana, n'Umwana wayo,
Iry'Umwana w'umuntu, Ntama w'Imana !
Ugaragarize mu bawe Nyagasani
Ubwiza bw'ahera hawe. *(bis)*









2. Washakashatse urukundo n'ubwiza,
Ntawamenye umubabaro wawe ;
Umwe agambana undi akwihakana,
Ntiwabona n'umwe uguhoza.


3. Waratuje mu mibabaro yawe,
Ubwo abanzi bawe bagukobye
Bagutukaga, banaguhinyura ;
Washenguwe no gusuzugurwa.

4. Umaze kwiranguza ibisharira,
Usoje uti : « birarangiye »,
Ukomeye ! unesheje uha Data,
Ubugingo bwawe mu mahoro.

>>>

5. Wasumbye abamarayika, Mukiza,
Imana inyuzwe iragukuza,
Tukiri ku isi turirimba ishimwe,
Tugupfukamiye, tukuramya.









2. Mwami w'abami w'ububasha,
Uzahishurwa mu bwiza,
Wabaye ino mu mibabaro,
Wanzwe, unatereranywe !
Ukwiye ishimwe,
Ritagabanyije,
Ishimwe iteka n'iteka !


3. Yesu mugaba w'ubugingo,
Wabambwe ku musaraba,
Mu mubabaro utavugwa,
Upfa urupfu rubi cyane !
Akira ishimwe,
Kuri wowe iteka,
Tuherekeza imitima !

>>>

4. Wuzuye ikuzo n'umucyo,
Uzaza mu bwiza bwawe,
Haba mu ijuru haba ku isi,
Uzaba umwami na Kristu.
Ariko imitima,
Yacu irakurata
Mwana w'Imana, Mukiza !

# 219






2. Mubibyi waciye bugufi
Wabibanaga amarira,
Yesu, warababaye cyane
Muri uko kwitanga kwawe.

3. Urubuto iyo rubibwe,
Rugapfa nk'uko byanditswe,
Ntabwo ruzaguma rwonyine
Rurushaho kwera nyinshi.

4. Ubu ibisarurwa bireze
Imbere yawe Mubibyi ;
Uzagarukana, ibyishimo,
Ububatiye imiba.

5. Nibwo uzaboneka mu ikuzo
Abawe bagukikije,
Imbuto zose watsindiye,
Ziterane iteka ryose.


N'umurego
mf
220
1. A - ba - gi - ri - we u - bu - ntu na - we, Da -
ta, du - sho - bo - ra ku - za, Tu - ne - ze - re we, i - mbe - re
f
p
ya - we, Tu - ku - ra - mya tu - gu - shi - ma. Ku
bwa Ye - su, mi - ze - ro ya - cu, Du - shi - ma




2. Ijoro ry'amakuba akaze
Riba ryaraduhitanye,
Ariko umucyo uratuvira
Utwuzuza amahoro.
Gucungurwa kurasohoye,
Turabona umucunguzi
Utamirije ikuzo ryinshi,
Mu ijuru aho yicaye.

3. Mbuto zo kunesha kw'iteka,
Twakijijwe na Yesu ubwe,
Turamubona mu ikuzo rye
Aho yakiriwe nawe.
Turakuramya turi ahera
Tuhinjizwa no kwizera,
Mana ikomeye, Mana Data,
Ni wowe dupfukamiye.

>>>

4. Bidatinze, mu ijuru, iteka,
Turirimba indirimbo nshya,
Abacunguwe bakuramye
Imbere ya Ntama wera.
Buzuye ibyishimo imbere ye,
Batangarira ubwiza bwe,
Bazamamaza ububasha bwe
Bazashima n'ineza ye.

**221**






2. Mbere y'ukw'icyaha cyinjira mw'isi,
Ntama wari waramuteguye,
Dat'uhoraho, bwenge butavugwa,
Ubwiru bw'Imana !

3. Yesu yitanze hw'igitambo nyacyo,
Azanish'amahor'amaraso ;
Kubwe wowe Mana uratwakira,
Ni muri we gusa.

4. Nihakuzwe Yesu, we muganura,
We wazutse atsinze urupfu !
N'umunezero wawe iyo mw'ijuru
Adamu wa nyuma.


5. Ibyaremwe byose biracyaniha
Bigitegerej'umudendezo ;
Kristo niwe ngwate yo kubohorwa
Mu bubata bw'isi.

6. Mana yacu, byiringiro bihire !
Mahoro nyayo y'umurwa wera !
Tuzanyurwa no kuba hamwe nawe,
Ku muns'uhoraho.

>>>

7. Tukiri hano kw'isi turaramya
Ntama watsinz'uhoran'ikuzo,
Turagushima wowe, Mana Data,
Kubw'Umwana wawe.







2. Twinjira ahera, twemewe imbere yawe,
Tuje twese kukuramya uyu munsi,
Tuzirikana, tugutura ku bwa Yesu,
Iri shimwe riva mu rukundo rwawe.

3. Wifuzaga abavandimwe b'umwana wawe :
Data mwiza, watugize abawe iteka.
Dufitanye isano ikomeye n'uwo ukunda,
Ni Yesu uri mu ijuru, muntu wazutse.

4. Turi umwe n'uwo ukunda, turagusingiza,
Dutebutsa umunsi w'iteka ryose,
Kuko tuzashushanywa na Kristu mu ikuzo,
Tunezerwe iteka imbere yawe.


Byitaweho cyane, nta kurandaga
p
223
1. Ni-nde wa - vu - ga u - ko, Ye - su,
Wa-ba-ba - ri - jwe a-bo u - ku - nda,
mf
Mu nzi-ra
yo kwu-mvi - ra kwa-we Ya-ga-na-ga I Go - lo - go -
pp
ta, N'u-mu-ba - ba - ro wa-we mwi-nshi Wa - pfu - ka -





2. Wari uzi igihe cy'akaga,
Wagize agahinda, ubwoba,
Wibaza niba bishoboka,
Ko ibyo byaguca kure.
« Ariko hakorwe ibyo ushaka ! »
Mbega kwemera gushyitse
K'umucunguzi kudategwa,
Utunganiwemo byose !

3. Waje kubahiriza Data,
Kugez'aho upfiriye ;
Ni muri wowe yishimiye,
Mukundwa we, wiyoroshya.
Tugutuye ishimwe ryacu,
Dushima uko kwitanga ;
Tuzarata iteka ryose
Uburyo wiyanze cyane.

# 224


Muzamuy'amajwi
mf
1. Tu - ra - ku - za, Ma - na, U -
mwa - na wa - we u - ku - nda, U - wo u - ku - nda mu
bi - he by'I - te - ka ryo - se ; Ye - me - ye kwi - ta -
mf
nga ku - be - ra I - ku - zo rya - we : We wa - je a - ga - so -
p

224




2. Niwe Mwana uhoraho, mu buhangange bwe,
Afite ubabasha bwose bw'ubumana,
Yisize ubusa anicisha bugufi,
Aguhesha ikuzo ajya ku musaraba.

3. Mwana w'umuntu wamanitswe i Gologota,
Niwe gitambo gishimwa cyakongowe,
Uwakunzwe nawe yitambaho igitambo
Gikongorwa gishyitse kinatunganye.

4. Umutima wanyuzwe n'ubutungane bwa
Ntama wamenywe kera nta nenge afite :
Kuganduka kwe no kwumvira kwe byuzuye,
Bikuganaho nk'umubavu utavanze.

5. Yatanze ubugingo hw'igitambo cy'ibyaha,
Kristo yerekanye ubumana bwawe,
Akwiriye ikuzo ry'Imana ikiranuka,
Yerekanye urukundo rwawe rwinshi.

6. Tuzuranwa nawe uratunezererwa,
Turarata imigambi yawe myiza.
Twunzwe n'uwo ukunda n'ubuntu bwawe bwinshi,
Dukomeje kukuramya iyo mu ijuru.

225


N'isheja
mf
Ku - ri wo - we u - du -
ku - nda, Wa - two - ge - je i - bya - ha ku - bw'a - ma -
p
ra - so ya - we, Mu ma - ra - so; – Ka-
ndi u - ka - du - hi - ndu - ra a - ba - mi, N'a -


mf
ba - ta - mbyi b'I - ma - na Da - ta ni -
mf
yo So ; – Nu - ha - bwe i - ku - zo, Nu -
f
ha - bwe u - bu - twa - re, I - te - ka n'i -
p
pp
te - ka ! A - men ! A - men !


N'umurego
226
p
1. Ha ! u - bu - gi - ngo bwa - cu
mf
Kwe - zwa i - te - ka, Kwa - ka k'u-mu - ri - ro,
p
N'i - tu - ze ryi - nshi, N'i - cyi - ze - re cyi - nshi
mf
f
Ngo du - shi - ka - me, Ka - ndi twi -




2. Duhe gutumbira
   Ntama iteka,
   We rugero rwiza,
   N'iby'urupfu rwe,
   Ubuntu bwe bwinshi,
   N'urukundo rwe,
   Ikuzo ry'iteka,
   N'igaruka rye.

3. Ufatanya natwe
   Yesu, turira,
   Duhe intwaro zawe
   Uzitwambike.
   Tugendana nawe
   Turi mu mucyo,
   Dusenga ubutitsa,
   Tukwiringiye !

4. Nezeza imitima
   Ku bw'umurimo,
   Ngo tub'ibitambo,
   Imbere yawe ;
   Tukubahiriza,
   Twuzuy'umwete ;
   Duhuje umutima
   Nawe Mukiza.

## 227



Munezerewe
mf
1. Ye - su ya - tu - za - ni - ye A - ga -
ki - za k'u - bu-ntu ; A - ti : « Ni jye-we Re - mbo, Mu-
p
ryi - nji - ri - re - mo ». Ya - pfu - ye u - ru - pfu
mf
ru - bi, Ngo a - tu - ge - ze kwa Se, Ka -





2. Niwe Mwungeri Mwiza
W'intama ze akunda :
Niwe ubwe uziragira
Akanazirinda.
Ubugingo ajya aziha
Ni ubw'iteka ryose ;
Zifite umutekano
Ku bw'imbaraga ze.

3. Ntakizadukoraho
Kimudukuyeho ;
Azanatuyobora
Mu nzira y'ukuri.
Azi intege nke zacu,
Aratwiringiza,
Aduhozaho iteka
Impuhwe ze nyinshi.

4. Tunezererwe imbere
Y'umwungeri mwiza,
Ubugingo bwe bwinshi
Adusakazamo ;
Kandi tugengwa nawe,
No mu mudendezo,
Tugume tunezerwe
Dusabana nawe.

# 228


N'ubwira
mf
1. Nta mu - du-gu - du u - ho - ra -
ho du - fi - te mu i - si,
p
A - ho twa - tu - ra,
ba - kri - stu, A - ho twa - tu - ra, ba - kri -
Cyane f
stu. Do-re i - yi nga - ndo yo mu i - si i - ra - je - ga-




2. Nta mudugudu uhoraho dufite mu isi,
Kuko iwacu ari mu ijuru. *(bis)*
Bidatinze tuzumva ijwi rikomeye,
Ryo kutujyana mu ikuzo.

3. Nta mudugudu uhoraho dufite mu isi,
Tugiye kuzawubona. *(bis)*
Dutegereje tuwureba mu kwizera
N'imitima inezerewe.

4. Hari igihe gito cyo gutegereza...
Ngo amarembo yugururwe, *(bis)*
Murwa w'Imana nzima ihoraho iteka,
Aho intore tuzibera.

229


Nubwira ugaragaza ko ari ukuri
mf
1. I - ja - mbo rya-we ni u-bu - tu - nzi,
p
Ni U - ku - ri ku - da - hi - nyu - ka,
f
Tu - ri - shyi - ki - ra mu nte - ge nke
N'u - bwo ri - ta - ge - re - ra - nywa.

2. Dat'ijambo ryawe ririmo
Ubutunzi bw'igiciro,
Mwuka aduhishuriramo
Yesu nzir'ijya mw'ijuru.

3. Ijambo ryawe ni ubutumwa
Buduhesha umunezero,
Amahoro, kudacogora
Dukurikiye umukiza.

4. Ijambo ryawe, mucyo nyawo,
Ritumurikira inzira
Kugira ngo tubashe, Data,
Kukubahisha aha mu isi.

5. Ijambo ryawe rikundisha
Imitima yacu Ntama,
Riduhishulira n'ikuzo
Ry'uwo Nyagasani Yesu.

## 230



Mworoheje
p
1. Bya - me - re - ra bi - te u - wa - we
Mu nte - ge nke, Ni - ba a - da - sho - bo -
ra ku - ri - ndwa Mu ma - ku - ba
p
N'u - ru - ku -
ndo ru - da - he - mu - ka, Ma - na nzi - za,




2. Ni umwimukira muri iyi si
Ntabwo atinya.
Agengwa n'Imana y'umucyo
Imukunda.
Ndetse no kuboneka kwawe,
Mana ikiza !
Ni inkingi ye mu mubabaro
Umuvuna.

3. Naho yaca mu muhengeri,
Muri kumwe ;
Yuzuzw'amahor'akomejwe
N'ukwizera.
Mbega umunezero kwa Data
Nakubona,
Kandi azakuramya mu mucyo,
Murebana !


Mworoheje
mf
p
231
1. « Njye nda - gu - ha - gi - je ». I -
ja - mbo ryi - za cya - ne ! Ri - ra - ha - gi - je ku - ge -
za ku i - he - re - zo, I - ba - nze ryi - za







2. « Njye ndaguhagije ». Mu ntege nkeya cyane,
Mukiza, tubona gutabara kwawe ;
Tubabay'udukomereza ukwizera,
Utwitahw'iteka mu rukundo rwawe.


3. K'ubwo ubuntu bwawe, vuba mu nzu ya Data,
Tuzaryoherwa n'ibyiza by'umugisha,
Twibuka wa munsi watubwiriye ku isi,
Udusubiza uti : « Njye ndaguhagije ».

*Mutuje ariko mutarandaga*

# 232



**232**








2. Yemera ko turushywa
Ngo iduhe umugisha ;
Ntabwo adukomeretsa
Ngo atubabaze.
Ishami akaragira
Ni naryo yitaho,
Kugira ngo mw'iyi si
Ryere imbuto nyinshi.

3. Mbega guhana kwiza
Kw'iyo Mana Yera,
Aho ubuntu bw'Imana
Bugwiza imbuto !
Wigisha hano ku isi
Abawe ukunda.
Shimwa mubyeyi mwiza,
Kuko utwitaho !

# 233


N'ubwira
mf
1. Mu - ri i - ki gi - cu - ku, Ye - su,
Tu - gu - ha - ye i - byi - fu - zo ;
f
Twi - shi - mi - ra i - byi - za byi - nshi Bi - tu - nga u -
kwi - ze - ra.
p
U - ku - gi - ra - ne - za kwa - we Ku -





2. Koko tukumenya cyane,
Mbere utarabambwa
Igihe wari mu nzira,
Ijya ku musaraba.
Itorero tukuramya,
Utari hano ku isi,
Uri mu ijuru kwa Data,
Aho uzaza uturutse.

3. Mu kurebesha ukwizera,
Birenga cyane ijuru,
Umugeni akabona
Umukiza w'ikuzo.
Agatwarwa, akaramya,
Yifuza ko agaruka :
Igisigaye kuri we
N'uko mubana iteka.

4. Tubasha gutegereza
Umunsi uruta iyindi,
Ubwo ijwi ryawe ryiza,
Rizazura abapfuye,
Bakabana n'abariho,
Nibwo tuzanezerwa.
Tuzazamuranwa nabo ;
Yesu tuzakubona.


Avec ampleur
p
234
1. I-byo u-se - ze - ra - nya, Ma - na,
N'I - byo a - ba - we bi - su - nga.
f
mf
U - ba - ri - ndi - sha I - mba - ra - ga, Ba -





2. Waduhaye byose, Mana,
   Muri Yesu, Mpano nkuru.
   Kubwe twinjira ahera,
   Tugashima izina ryawe.

3. Data, uduhe kumenya
   Urukundo rwawe rwinshi,
   Kandi tutanacogora,
   Turate urukundo rwawe.

235


Bivuye ku mutima
p
1. Bu - ri mu - nsi, Ye-su, U - nyi - gi - she ;
Ndi - ndi - ra u - mu - ti-ma Ha - fi ya - we.
mf
Mu nzi - ra i - bo - ne-ye Nge - nda - ne u - kwi - ze-ra,




2. Mu makuba, Yesu,
Unyigishe ;
Mu nyanja izikuka,
Unyobore.
Koko mu mwijima,
Umpanga amaso,
Unyoboza ineza :
Sinzatinya.

3. Kubwa Mwuka wawe,
Unyigishe
Kujya nkubahisha,
Aho ngenda.
Kugeza iherezo,
Mu mbaraga zawe,
Uzahore umfashe,
Mucunguzi !

236


N'umurego
1. Ni - nde wa - ku - me - nya, Ma - na i-
ho - ra - ho, Nya - ga - sa - ni, Ma - na
I - ma - na ye - ra ? U - bu - ba - sha bwa -
we Bu - su - mba I - ju - ru, Ka - ndi




2. Uri kure yawe
Waramuciye ?
Oya, wateguye
Ibyacu byose.
Mana idasumbwa,
Idakorwaho,
Uraturarika
Ngo tukwegere.

3. Yego, Mana Data,
Watanze Yesu,
Atubere umucyo,
Aba agakiza.
Amaraso atweza
Ibyaha byacu ;
Dufite ubugingo
Bw'iteka ryose.

4. Iyo mpano nziza
Ni iy'uwizera ;
Mbega umugabane
Kubyarwa nawe !
Twerekeza amajwi
Mu rugo iwacu,
Twese dushimira
Imana yera.

# 237


Mutuje
p
1. Mu - ti - ma wa - njye, tu - ri - za ku
Ma - na, Ye - su a - ho - ra a - ku - ri i - ru - ha -
mf
nde. Mu ma - ku - ba, mu ma - zi mu mu - ri -
ro, Ya - ra - gu - he - tse mu - ru - ku - ndo








2. Ruhuka wiringire, unezerewe,
Reka Ye su abe ariwe ukwitaho.
Ntabwo yigeze ahwema kugufasha,
Azagukomeza, akuyobore.
Nka kera ijwi rye rifite imbaraga
Rizaturisha imiraba ikaze.

3. Ruhuka Imana ntizakwibagirwa,
Yesu agiye kugaruka vuba.
Uzasobanukirwa iby'imiruho,
Maze umenye ko byari umugisha.
Himbaza, kandi uhe ikuzo wizeye
Imana igukunda iteka ryose.

# 238


Muzamuy'amajwi
mf
1. Shi - mwa Ma - na i - du - ku - nda
ko wa - sha - tse mu i - si A -
ba - ra - mya by'u - ku - ri ba - ri i - mbe - re
ya - we ! Ke - ra nti - wi - hi - shu - ri -
p




2. Yesu rufatiro rw'itorero akunda,
Ni nawe buye rizima ariko ryanzwe,
Ridutangaje ry'igiciro iwawe.
Icyubahiro ni icye mu nzu y'Imana !

3. Abizeye duteranye mu izina ryawe,
Duhuje umutima tukuririmbira.
Muri ubwo buturo bwera bwa Mwuka,
Hakomoka ishimwe ryuzuye Mana.

# 239


Muzamuy'amajwi
p
mf
1. Da - ta, I - mbe - re ya - we, tu -
f
za - so - ba - nu - ki - rwa, U - rwo wa - ku - nze
p
bu - ri we - se mu nto - re ; Mu bi - he byo - se
tu - za - shi - ma u - bu - ntu bwa - we Twa -




2. Twabeshejweho n'ibyo waduteguriye,
Biduhesha ubugingo kubwo kwizera ;
Turamamaza ubuntu butarondoreka
Bwa tumenye cyera bukaduha ijuru.

3. Mbega umuteguro w'Imana nyir'ubwenge :
Udushaka mu ikuzo hamwe na Yesu !
Urukundo rwawe rwinshi rwatugeneye
Gukikiza Umwana wawe dusa nawe.

4. Mbega ubutunzi buri mu bwiru bw'Imana
Ubwo tuzarondora iteka ryose,
Mu munezero wuzuye mu nzu ya Data :
Mana izina ryawe rikuzwe iteka !


N'icyubahiro
mf
240
1. U - kwi - ye i - ku - zo,
Inyikirizo: Ye - su w'i - ku - zo,
Wo-we wa - zu - tse ! Gu - tsi - nda n'u - kwa -
A - ba - cu - ngu - we Ba - ra - ta gu - tsi -
we I - te - ka ryo - se ! Ma - -
nda Kwa - we kw'i - te - ka !
Iherezo







2. Mahoro ashyitse,
Yesu ahoraho !
Mbeg'umunezero
W'uwamwizeye !
Twuzuye ibyishimo
Tubasha Yesu,
Kwamamaza iteka
Ko wanesheje !
Yesu w'ikuzo, etc.

3. Wafashe umwanya
Hafi y'Imana,
Bidatinze uzaza !
Uva mu ijuru.
Urabagirana,
Uri mu ikuzo,
Wicaye ku ntebe,
Mu cyubahiro.
Yesu w'ikuzo, etc.


241
N'ibyishimo
f
1. Ye - su ya - ra - zu - tse pe, A - kwi -
mf
ye i - shi - mwe ! Yi - ga - ra - ga - ri - je a-be,
p
ba - ti - nda kwe - me - ra. Ba - bo - nye i - bi -
ga - nza bye n'i - bi - ko - me - re bye,




2. Yesu ati « Amahoro » ! Abari hagati,
   Bakimutangariye, buzura ibyishimo.
   Hagati ya babiri baramya mu kuri,
   Nka kera ab'ahari ku bamwubahisha


3. Kristo yatsinze urupfu : N'imbaraga nyinshi !
   Turarata Mukiza, umurimo ushyitse.
   Witambyeho igitambo, kinyura Imana ;
   Utsinze haboneka, ikuzo rya Data.

4. Impanda izavuga, ubwo uzagaruka
   Itorero ryitabe ijwi ryawe rizwi,
   Duhinduwe bashyashya, twese dusa nawe,
   Tuzakubona Ntama, Mukiza ushimwa.

5. Yesu Mukiza wacu, Mwami w'ubugingo,
   Ni wowe ubohora, mu rupfu n'ibyarwo.
   Yewe rupfu urihe ? Kunesha kurihe ?
   Tukuramya duhuje, Mukiza w'ikuzo.

# 242


N'ibakwe
mf
1. Nta - ki - na - ni - ra u - kwi -
ze - ra I - yo kwi - ri - ngi - ye I - ma -
p
na ; Ku-bo-na i - bi - ta-ga-ra - ga - ra, Ku-ba-sha
mf
kwa-ki-ra i - mpa - no, Ku-ne-ze - re - rwa i-byi-ri -




2. Ukwizera kunesha byose,
Guhomba byose kunguka,
Kuririmba mu mibabaro,
Kuganza no mu makuba ;
Gufite ibyasezeranijwe
Bituma kudacogora,
Kwumvira kutanavogerwa,
Gufite ukuri konyine.

3. Mu gihe cy'abizera cyera,
Higaragaje ukwizera ;
Mureb ingabo mu rugendo
Uzigabye ari mu ijuru ;
Kwariho kuva cyera cyane,
N'ab'ikigihe turimo,
Dushobora kujyana ubu,
Gusoz'umuhamagaro.

>>>

4. Ukwizera guhamya cyane,
Gutsinda isi n'urupfu ;
Igituma gukora ibyo,
N'umusaraba wa Yesu.
Ariko vuba aha ku bicu,
Tuzamusanga, bakristu ;
Tuzabona ibyo twiringiye,
Ni Yesu Kristu we ubwe.

*Buhoro ariko nta kurandaga*

**243**








2. N'inzira yera ifunganye,
   Kure y'icyaha n'iy'isi,
   Aho urukundo rwatsinze :
   Yes'ubwe yayinyuzemo.

3. N'inzira hano mur'iyi si,
   Tweretswe n'urukundo rwe,
   Ah'umucyo wo mu maso he
   Urabagiran'iteka.

4. Tugeze hafi y'intebe ye,
   Dutandukanye n'iyi si,
   Byos'aho birabagirana
   Ikuzo rya Nyagasani.



244
N'ubwira
p
1. Nko mu mu - ga - ni w'a - ba - ko - bwa i - cu - mi,
Nya - ga - sa - ni, tu - ra - si - nzi - ri - ye !
mf
K'u - bwo kwi - ba - gi - rwa i - ja - mbo rya - we,
Be - nshi mu ba - we ba - ci - tse i nte - ge.


A - ri - ko du - ko-ma-nzwe mu mu - ti - ma,
f
Tu - ra - gu - ta - ki-ra du - pfu - ka - mye !
Ye - su, du - ki - ze ku - ti - ta ku bya - we ;
mf
Du - ka - ngu - re, Ye-su, du - ka - ngu - re !
>>>


2. Twarangajwe n'ibintu by'iyi si mbi,
Twese twibagiwe inshuro nyinshi
Icya ngombwa kiruta ibindi, Kristu,
Kukwegera no kwigishwa nawe !
Mwuka Wera adukangurira ko
Uza vuba, Mukwe wo mw'ijuru !
Turi maso, dutegereje ko uza :
Dukangure, Yesu, dukangure !

3. Ntacyo twabashije kukungukira,
Kuko twatabye itaranto yacu !
Umucyo wacu ntabwo wamuritse
Ngo ubashe kwirukana umwijima.
Icyaduha, muri aka gahe gato,
Kugukorera no kwera imbuto
Kugeza ubwo tuzinjira iwawe.
Dukangure, Yesu, dukangure !

**245**






2. Mu rugendo rwe rwo mw'iy'isi,
Yishimiye kukubaha.
Kuva avutse kugeza abambwe,
Yahoraga akunezeza.

3. Umwana wawe yahishuye
Ubuntu n'ukuri, Mana ;
Mu bwiza bwawe busesuye,
Niho wigaragarije.


4. Yabay'igitambo gikwiye,
Gupfa kw'umubavu mwiza
W'uwera muri kamere ye,
Aganduka bisesuye.

>>>

5. Utamirije ikuzo ryinshi,
Ni nawe byishimo byawe ;
Niwe ubwe waduteguriye
Umwanya mu ijuru aho ari.

**246**









2. Inkota y'amugi abiri
   Izahana abanyabyaha,
   Imena ingabo, ihinguranya,
   Mu ngingo no mu misokoro,
   Ihishura ibihishwe ?
   Ni Ijambo rya Nyagasani.

3. Ninde uvugana ineza,
   Nk'umuyaga uhuha utuje ?
   Uririmba ibyo kwiringirwa,
   Iby'urukundo n'amahoro,
   Mu minsi y'imibabaro ?
   Ni Ijambo rya Nyagasani.


>>>

4. Ijambo rye rinyuzure,
Soko yo kwizera kwanjye,
Ngabo ikomeye ku rugamba,
Nkingi y'umutima ubabaye !
Icyampa ngahora nesha
Kubw'Ijambo ry'Umukiza !

**247**







2. Nyagasani wanzwe, ukuzwa n'Imana So,
Nawe utegereje uwo munsi mwiza.
Ntama, Mukwe Wera, utegura ibirori,
Tugusaba ibiva mu rukundo rwawe.

3. Itorero ryawe rirakuramya Kristo,
Ritegereje ko ryaba hafi yawe.
Mwuka asakaza mu mutima ukanguwe
Indirimbo nziza : zo kwizera kwacu.

4. Ubutunzi bwawe, buhishwe hano mw'isi
Ngwino ubujyane iwawe mw'ijuru,
Kandi urimbishe ikamba rya zahabu,
Isaro ry'ubwiza bukubonekaho !

# 248


Buhoro byumvikana
p
1. Ha - fi ya - we, Ma - na,
mf
p
Ha - fi ya - we ! Ni - cyo nkwi-fu - za-ho :
f
Ha - fi ya - we ! I - yo i - bi - ge - ra -
mf
p
ge - zo Bi - nyu - zu - ri - ra-nye - ho, U - be ha -




2. Hafi yawe gusa,
Nyagasani !
Nkomeza mu kaga,
Umbe hafi ;
Mu gihe nagirijwe
N'ubwinshi bw'amakuba,
Nkomeze nkwegere,
Nyagasani !

3. Hafi yawe iteka,
Hafi yawe !
Uhore untabara,
Unkomeze.
Satan'iy'atontomye,
Urampumuriza pe
Hafi yawe, Yesu,
Hafi yawe !

4. Hafi yawe, Mana,
Ndi mu nzira !
Ube hafi yanjye
Unkomeze !
Mugenzi, ukomere !
Uri hafi kwambuka.
Hafi yawe Data,
Hafi yawe.

# 249


N'ijwi riringaniye
1. Ma-na nkuru ! i-ko-me ye, ura-nzi ne-za ;
Wa-ra-ndo-ndo-ye u-ri mu i-ju-ru.
Ha-ri a-ho na-hu-ngi-ra u-mu-cyo wa-we ?
A-ho mba ndi ho-se u-ra-mbo-na.


2. Naba ngenda cyangwa naba mpagaze,
Undindisha ukuboko kwawe ;
Ntarasohora ijambo mu kanwa,
Umenya ibyo nibwira byose.


3. Naho nahungira ku mpera y'isi,
N'aho nahungira ikuzimu,
Cyangwa se mu ijuru, Mana y'umucyo,
Wahansanga ukamurikira.

4. Kubwo kwizera, nkwegera ndatinya :
Yesu yanshunguje urukundo rwe ;
Angeza imbere y'ubwiza bwawe,
Nkuweho gukiranirwa kose.

5. Ngerageza. Mana idahemuka,
Ndondora umutima maze unyeze ;
Maze unyobore mu nzira y'iteka
Umpe kuguhesha icyubahiro.

250


Byumvikana
1. Ha - ri u - bwa - to bu - ge - nde - ra,
Bwi - gi - ra i - mbe - re bu - ho - ro
Mu ki - ya - ga bu - tu - je ;
Mu - nsi y'i - ju - ru ryi - za. Mu ka -
ny'u - mu - ya - g'u - za - na I - gi - cu ki - bu - di - tse,
Ka - ndi i - mi - ra - ba u - za - mu - ye I - hi -







2. Abagenzi bariheba
Babura icyo bakora ;
Bacitse intege bihebye,
Babuze ibyiringiro.
Ariko hari ubarinda
Nubwo asinziriye,
Ni ngombwa kumukangura ?
Mbese si inshuti yabo ? *(bis)*

>>>

3. Mwigisha ntubyitayeho ?
Dore tugiye gupfa !
Wowe ushobora byose,
Dutabare udukize !
Aherako arabegera,
Aturisha umuyaga !
Abacyahana urukundo
Kubwo kwizera guke. } *(bis)*

4. Kenshi, mu buzima bwacu,
Imitima iriheba,
Nubwo Yesu adusabira,
Akaduhumuriza.
Twiringire ineza ye :
Ntazigera ahinduka,
Iyo intama ze zihebye
Niwe mushumba wazo. } *(bis)*

**251**







2. Igihe kirashira vuba cyane ;
Ariko ushobora gukizwa ;
Haguruka vuba uniringiye,
Mwana uzimiye garuka iwanyu !

3. Ngwino uhabwe ikanzu iruta izindi,
Ukire imibabaro yose.
Ngwino mu munezero uhoraho ;
Mwana uzimiye garuka iwanyu !

## 252



Ishyushye
p
1. Mwe - bwe mu - bu - ze a -
mf
ma - ho - ro, Mu - ze mu - sa - nge Ye - su;
p
mf
I - ne - za ye n'u - ru - ku - ndo Nta - we bi - jya bi -
f
he - za. I - yo a - ku - ba - ba - ri - ye
Wu - zu - ra u - mu - ne - ze - ro





2. Mwe mwigunze mubabaye,
   Yesu arabakunda ;
   Niwe wiyiziye ubwe
   Gukiza abigunze.
   Iyo akubabariye
   Wuzura umunezero ;
   Ukareka kwigunga :
   Kuzwa, kuzwa, Yesu !

3. Mwebwe muhinda umushyitsi
   Mutinyishwa n'urupfu,
   Musange Umucunguzi
   Yaruhinduye ubusa.
   Tuzabanaho nawe,
   Tuzimana ingoma,
   Hatakiriho urupfu :
   Kuzwa, kuzwa, Yesu !

# 253


Ishyushye
mf
1. Hu - mvi - ka - nye I - ja - mbo
Ni Ye - su u - gu - sha - ka,
Cyane f
Ry'a - ga - ki - za,
U - mu - sa-nge !
I - bya-ha bya-we byi-nshi
Bi - gu - te - y'u - bwo - ba, Ntu - ti - nde




2. Murebe i Karuvari
   Agupfira,
Akuber'ipongano
   Arabambwa.
Izere amaraso
Yeza uwanduye,
Gira ibyiringiro !
   Sanga Yesu !

3. Yesu atanga impano
   Y'ubuntu bwe.
Ihesha umunyabyaha
   Imbabazi.
Igihe kirihuta,
Ubutagaruka.
Dor'igihe cy'ubuntu,
   Sanga Yesu !

4. Ngwino vuba witinda,
   Ngwino ubu ;
Hateguwe agakiza,
   Sanga Yesu !
Numwemer'ukizera,
Urababarirwa ;
Uririmbe uti : Kuzwa,
   Kuzwa, Yesu !

# 254


N'ubwira
1. Ye - su a - ra - gu - ha - ma -
ga - ra : Ng'a - gu - h'u - mu - ne - ze - ro,
We nta - bwo a - jya a - he - mu - ka Ku - ko a - ri I - ma -
na I - ki - za. Mu - sa - nge, mu - sa - nge !




2. Mbese ni kuki uzuyaza ?
   Kuva uhereye kera
   Wanze kumutega amatwi ;
   Ntukomeze gutinda.
   Musange, musange ! etc.

3. Akuzaniye imbabazi,
   N'ubuntui udakwiriye,
   N'amahoro adashira,
   Ijuru n'amahirwe.
   Musange, musange ! etc.


255
N'ubwira
mf
1. Ha-ri i-gihe ! U-b'Umwana w'Ima-na,
A - ra - gu-h'u - bu - gi - ngo bu - ho-ra - ho.
mf
f
Ni Ye - su ! mwi - ta - be !
mf
Ngwi - no wi - nji - re u - bu !

2. Hateguwe umwanya w'ibirori ;
Abatumirwa bagiye mu bukwe.
Nawe uze, mwitabe !
Ngwino winjire ubu !


3. Umuryango, uragukinguriwe,
Kubw'Umukiza ubasha kwinjira,
Nawe uze, mwitabe !
Ngwino, winjire ubu !

4. Mbese ejo uzi icyo buzacyana ?
Benshi bazakomangira ubusa !
Batane iteka !
Ngwino winjire ubu !

5. Ntuzuyaze kwakira ubuntu bwe,
Uyu munsi haracyari umwanya.
None ubu musange !
Ngwino winjire ubu !

**256**


Biringaniye, byumvikana
1. Ni - wu - mve u - ko u - ha - ga - ri - kwa, No - ne mu nzi - ra u - ri - mo, U - ge - nda wu - bi - tse u - mu - twe, U - ti - bu - ka i - he - re - zo.
Inyikirizo
Ga - ru - ki - ra I - ma - na i - ki - za, U - ro - nk'u - mu -




2. Yesu araguhamagara.
Nta gahato, mu buntu ;
Azahana abinangira
Bakanga imbabazi ze.
Garukira Imana ikiza, etc.

3. Kugera i Karuvari
Ni wowe yaje ashaka ;
Yababajwe bikomeye
Atubera impongano.
Garukira Imana ikiza, etc.

4. Iryo jwi riragutota :
Izere Yesu none !
N'umwiringiza umutima,
Urabona amahoro !
Garukira Imana ikiza, etc.

257


N'ubwira, bifatanye
mf
1. U - ru - mva ? Ye - su a - ti :
« ngwi - no ! », A - ra-gu-te-ge - re - je.
p
mf
I - ryo jwi ri - da - hi - nyu - ka
p
Wa - ri-rwa-nyi-je ke-nshi.
f
I - gi-he gi-hi - ta




2. Ubupfu bwo muri iyi si,
N'ibishukana byayo,
Bimaze igihe kinini
Biguhumye umutima.
Igihe gihita vuba, etc.

>>>

3. Kubwo gukunda umugome,
   Yesu yemeye gupfa ;
   Uwo mukiza uhebuje,
   Ni wowe yabambiwe.
   Igihe gihita vuba, etc.

4. N'ubu aracyakomanga ;
   Kingurira Umukiza,
   Maze umuseke usesuye
   Uzagutambikira.
   Igihe gihita vuba, etc.

5. N'ubu umukiza arahari ;
   Ntutegereze iby'ejo.
   None n'umunsi w'ubuntu :
   Dore ateze amaboko.
   Igihe gihita vuba, etc.

*Muramya*

# 258









2. Nje uko ndi ntentebutse,
Nshidikanya igihe cyose,
Ndwana n'isi mfite ubwoba,
Ntama wera, ndaje ! ndaje !

3. Nje uko ndi... warankunze
Maze umbera impongano.
Mbasha kub'uwawe none,
Ntama wera, ndaje ! ndaje !


# 259


N'ubwira
1. U-mu-ki-za a-ra-ko-ma-nga:
Ki-ngu-ra! ki-ngu-ra no-ne! A-ku-
za-ni-ye a-ga-ki-za: Ki-ngu-ra! ki-
ngu-ra no-ne! A-ku-za-ni-ye u-bu-




2. Kingura ! arababarira :
Kingura, kingura none !
Akira impano atanga :
Kingura, kingura none !
Reka ibidatunganye ;
Ashaka kukubohora ;
Yuzuza amasezerano :
Kingura ! kingura none !


N'ubwira byumvikana
mf
260
1. Ye - su u - mwa - na w'I - ma - na
ya - je mu - ri i - yi si, Gu - sha - ka no gu -
f
mf
ki - za a - ba - zi - mi - ye ; A - ba - sha ku - ku -
mf
ru - hu - ra I - nti - mba za - we, U -




2. Uzi ibyo yababajwe IKaruvariyo,
N'uko yihanganiye umusaraba ?
Uzi ko kubwo urupfu rwe yakwishyuriye
Icyo cyaha ? *(bis)*


3. Ese uzi agaciro k'amaraso yeza
Akuraho ibyaha byawe iteka ?
Uzi ko agutsindishiriza akuzanira
Amahoro ? *(bis)*


4. Niba utarabona ubuntu n'imbaraga
Bya Ntama w'Imana wabambwe ku giti,
Tebuka umusange urabohorwa byuzuye.
Niwizere ! *(bis)*

5. Akira imbabazi, agakiza n'ubugingo,
Bibonerwa mu kwizera amaraso ye ;
Hano mu isi umukurikire mu nzira
Iboneye ! *(bis)*

6. Umukiza arakurarika umwitabe ;
Ngwino wumve umunezero aha abe ;
Mwitabe uyu munsi kuko igihe cyihuta...
Umwizere ! *(bis)*

**261**


Ishyushye
mf
1. I - yo mu - me - nya U -
mu - ki - za wa - njye ! N'I - nshu - ti i - da - ha - na I -
ru - t'I - zi - ndi. I - twi - ta - h'I - se - nga I -
p
ka - twi - ngi - ngi - ra. Ni yo na - njye mwe - se
mf




2. Iyo mumenya amahoro yimbitse
Umukiza yashyize muri njye !
Ni ayo mw'ijuru isi ntijya iyatanga,
Adudubiza ava iGologota.
Umukiza ukunda, Mumushakeho, etc.


>>>

3. Iyo mumenya ibyiringiro byanjye
   Biva ku Mana iri mw'ijuru !
   Mbeg'uk'ijwi ryayo rihumuriza,
   N'indoro yayo ikanezeza !
   Umukiza ukunda, Mumushakeho, etc.


4. Nimumenya uburyo Yesu abakunda,
   N'ubury'umutwaro we woroshye,
   Nuko ntimwiharir'ubwo butunzi,
   Mwamamaze ibyo yabakoreye !
   Umukiza ukunda, Mumushakeho, etc.


**262**



# 262




2. Umunyabyaha wogejwe
Mu maraso ya Kristu,
Ni we uzinjira iwawe :
Akijijwe, yejejwe.

3. Ashimishijwe no kwera,
Azinjira mu ijuru ;
Azashimishwa iteka,
N'ineza y'Umukiza.

4. Azitegereza ikuzo
Rya Ntama wera wishwe ;
Azaririmba gutsinda
Mu munezero iteka.

5. Ikuzo ni ry'udukunda !
Imbaraga,ubutware !
Yesu ashyirwe hejuru
Ubuzira herezo !

## 263


N'ibakwe
mf
1. Mu - sa - nge U-mu - ki - za u - ba - ku - nda,
Ni - we wi - ta - nze ku gi - ti;
mf
We u - bwe a - ra-sha - ka ku - ba - ki - ra,
Ni - mwe a - te - ge - re - je.



Inyikirizo
f
Mbe - ga u - mu - nsi mwi - za, Mu - ki - za,
U - bwo u - za - tu - bu - mba - ti - ra,
p
Mu bu - tu - ro bw'I - ma - na Da - ta
mf
Tu - za - ha - bo - ne - ka !
>>>

2. Ubu arabahamagara ;
Arabaha umunezero.
Muhe uwo mutima utumvira ;
Akiza byuzuye.
Mbega umunsi mwiza, etc.

3. Igihe kirahita vuba ;
Ninde wamenya iby'ejo ?
Umukiza ari mu iyi mbaga ;
Ateze amaboko !
Mbega umunsi mwiza, etc.

**264**







2. Ngwino, kubw'ineza
Ni uwo kwizerwa
Amara agahinda,
Ndetse n'akaga.
Yita ku barushye
Akabahoza.
Izere ijambo rye
Kandi wirira.

3. Maze, k'uruhijwe,
Umumenyeshe
Ubuntu bw'Imana,
N'uko idukunda.
Mubwire yizere
Yesu Umukiza.
Aramunezeza :
Ntarire ukundi !

265


N'icyubahiro
mf
1. Mu - ri i - yi si no mu i - ju - ru,
Nta zi - na nk'i-rya Ye - su,
Nta ni - ri - ndi ri - ne - ze - za
Nk'i - ry'u - wa - du - pfi - ri - ye.
mf
I - zi - na !
p
I - zi - na !
f
Ry'U-mwa-







2. Naho umuntu yakomera,
Akanamenyekana,
Izina ryose bamwita,
Yesu aramuhebuza.
Izina ! etc.


3. Mu mibabaro arampoza ;
Ajya andinda kwiheba ;
Asubizamo ubutwari
Mu mutima ubabaye.
Izina ! etc.


4. Mbega umunezero mwinshi
Yuzuza umunyabyaha !
Nta numwe wo muri iyi isi
Wagereranwa nawo.
Izina ! etc.

266


N'umwete unezerewe
mf
1. Mu - sa - nge u - mwa - mi w'u - bu -


gi - ngo, Ni - mu - sa - nge Nya - ga - sa - ni !


mf
Ni - w'u - ba - ra - ri - k'u - yu mu - nsi Ku - bw'i - ja -





2. Yesu, gukiranuka kwacu,
Yadukinguriye ijuru ;
Kuko yitanzehw'igitambo
Apfira ibyaha byacu.
Uwiringira ineza ye, etc.

3. Nimuze rero mwiringiye
Maze mwakire ubugingo ;
Mukijijwe n'imbaraga ze,
Muzanezerwa iteka.
Uwiringira ineza ye, etc.

267


Byumvikana
mf
1. Ha - ri i - gi - ta - re cy'i - te - ka,
mf
Cya - te - gu - ri - w'u - ru - shye, Nk'u - bwu-
f
ga - mo bu - tu - ri - nda, Bwa - shi - nzwe mu mi - ra-
mf
p
ba. I - gi - ta - re n'i - gi - ho - me, U - bwi-








2. Umuraba urahorera ;
N'umuyaga urahuha :
Kristo ubwe niwe shingiro
Ry'ikiringiro cyanjye.
Igitare n'igihome, etc.


3. N'ubwo amahindu yakabya
Hanacuze umwijima ;
Mu mvura nyinshi ndatuza,
Ntegereje umuseke.
Igitare n'igihome, etc.

4. Muri ayo mahindu menshi,
Wabonye ubwo bwugamo ?
Fata ukuboko kwa Yesu
We wankijije ibyaha.
Igitare n'igihome, etc.

# 268


N'ubwira
1. Ye - su, U - mu-ki - za wa - njye,
Nku - ru - hu-ki - ra - ho ! Mbe - se ku mu - nya -
Iherezo
bya - ha Ha - kwi ye i-ki ki - ndi ?
Inyikirizo : Ngo a - be mu byi - shi - mo.
A - yo - bo we n'u - mu - cyo, Mu ru - ku ndo rwa -









2. Mu nkubi y'umuyaga
Umba hafi iteka,
Unsubizamo intege
Ukananakomeza ;
Ni mu mutima wawe
Mbonera ubwihisho ;
Na Satani wirushya
Ntabwo yankuramo.
Yesu, Umukiza wanjye, etc.

>>>

3. Muri wowe ndanesha,
Mfite n'amahoro ;
Nzaguhesha ikuzo
Iteka n'iteka.
Niba isoko y'iby'isi
Inezeza ikama,
Urampagije iteka
Ndiho cyangwa mfuye !
Yesu, Umukiza wanjye, etc.

**269**






2. Yaragucunguye ;
Aragupfira ;
Emera ubuntu bwe
Wizeye gusa.
Uhabwe ubugingo
Bw'iteka ryose ;
Yabaye impongano
Y'icyaha cyose.

3. Yes'ashaka kuba
Uwaw'iteka.
Akumenyesheje
Urukundo rwe.
Ngwino wiringiye ;
Agukomeze,
Niwe byiringiro,
Niwe butunzi !

# 270


Byumvikana
p
1. E-se, u-he - re - ye, u-bu u - fi-
mf
te I - byi - ri - ngi - ro bi - ho-
ra - ho ? Wa - ro - nse u - da - shi - di-
ka - nya, U - ku - ra - mi - rwa na Ye-su ?


f
mf
Njye mfi - te U - mu - ki - za ; Ni - we
p
u - mpa - gi - je. Njye mfi - te U - mu - ki -
f
za ; Ni na - we byi - ri - ngi - ro bya - njye.

>>>

2. Igihe utentebutse,
Igihe ubuze umunezero,
Ese uhumurizwa nande ?
N'iyihe nshuti uba ufite ?
Njye mfite Umukiza ;
Niwe umpagije.
Njye mfite Umukiza ;
Mbega uko ijambo rye ari ryiza !

3. Haba none cyangwa cyera,
Iyo wigunze ubabaye,
Ushariririwe n'ubuzima,
Ese ukomezwa nande ?
Njye mfite Umukiza ;
Niwe umpagije.
Njye mfite Umukiza ;
Niwe nishingikirizaho.

4. Iyaba wari wishyize
Mu maboko ya Yesu Kristu !
Ukemera kwakira ubuntu !
Nshuti musang'uzabaho.
Njye mfite Umukiza ;
Niwe umpagije.
Njye mfite Umukiza ;
Hahirwa umurangamiye !

# 271




2. Ko agukunda, ko agukunda,
ko agukunda none !
Aragushaka uko uri,
None ubu musange !

3. N'imbabazi, N'imbabazi,
k'umusanze wese.
Akira agakiza atanga ;
None aha musange !

4. Yoza ibyaha, Yoza ibyaha,
uko byasa kose.
Uyu ni umunsi w'ubuntu ;
None aha musange !